

# ***KRISTU ARAGARUTSE, ARIVUGIRA UKURI KWE IBARUWA YA 1***

Jyewe **KRISTU**, mfashe uyu mwanya ngo mbavugishe ubwanjye. Brw1/01

**Nje kugirango nkosore imyumvire mibi y'inyigisho natanze, hashize imyaka 2000 muri Palestina, aho nari nzwi ku izina rya 'Yezu'. Brw1/02**

Umuntu ubagezaho amagambo yanjye, ni umuntu, mu myaka mirongo ine ishize, wagaragaje ko yumva iby'ubuzima bwa roho, kandi abwitayeho bihagije, kugirango ayakire kandi ntayapfusha ubusa. Brw1/03

**Aya MABARUWA ni UKURI. Brw1/04**  
Asumbye amahame y'amadini y'isi yose. Brw1/05  
**--Aya MABARUWA AZABABOHORA. Brw1/06**

Agenewe abantu bose bashakisha icyerekezo cy'ubuzima, intego yo kubaho kwabo, cyangwa imbaraga zo guhangana n'ubuzima bwabo bwa buri muni, abababajwe n'agahinda, indwara, kwiheba. Ni isoko y'ubumenyi ku bifuzwa kurushaho gukangukira ubuzima bwa roho mu buzima bwabo bwa buri muni. Brw1/07

Umuntu yavugaga ko **aya MABARUWA ari ISOMO ry'UMWIGISHA** rigenewe abumva batangira inzira nakurikiye ubwo nari ku isi muri Palestina. Brw1/08

Mushobora gushidikanya ko ayo magambo yo hejuru yaba atari ukuri. Ariko uko mugenda musoma impapuro zikurikira, mukagera ku ngingo mbahishurira zerekeye imibereho ndetse n'isoko ya jyewe-babona<sup>1</sup>, muzumva ko ukuri mbabwira hano, nta handi kwaturuka uretse kw'isoko y'ikirenga. Brw1/09

Abafite ingorane mu kumva aya **MABARUWA**, nabagira inama yo gusoma urupapuro rumwe rumwe, nyuma mugafasha igitabo hasi mukazirikana. Buhoro buhoro, igisobanuro kizacengera ibonunumva<sup>2</sup> ryanyu, kuko izi mpapuro ari uburyo buhuza ibonunumva ryanyu n'iryanjye. Brw1/10

Mugane aya **MABARUWA** n'umutwe uzira ibitekera, amahame n'indakuzi, nk'umwana muto utaratekerwamo amahame ya kimuntu. Brw1/11

Munzanire roho ituje, ifite inyota y'ubumenyi, nzayuzuzamo ubukungu nyakuri bw'urumuri rw'ikirenga. Ubwo bumenyi nimubwumva neza, buzaborohereza imitwara yanyu ya buri muni; kandi buzabayobora mu rwuri rutoshye rw'urumuri rubengerana, bivuga uburumbuke, ibyishimo, gutwarwa no kuzurizwa ibyo mukeneye byose. Muzagera aho mumenya uko umuntu yiyumva iyo agwirijwe imigisha y'ibisumba imyumvire yanyu ya kimuntu y'ubungubu. Brw1/12

---

<sup>1</sup> Personality (\*) Akanyenyeri kavuga ko ushobora kureba igisobanuro cy'ijambo ry'ikinyarwanda mu rutonde ruri ku musozo w'iyi Baruwa.

<sup>2</sup> Consciousness (\*)

Aya **MABARUWA** yohererejwe abatuye isi bose, mu mpuhwe n'urukundo byanjye. Uko muzagenda muyasoma, muzumva urwo rukundo n'izo mpuhwe kandi muzagera aho mwumva ko imiruhu y'ubuzima bwanyu bwa buri muni itari yarigeze iteganywa. Nimuramuka mwumvise, mukamira kandi mugakurikiza mushimitse **UKURI KW'IMIBEREHO**, ntibizaba bikibaye ngombwa kubabara no kugira inkenke. Brw1/13

### **INTEGO<sup>3</sup> Y'AYA MABARUWA. Brw1/14**

Agamije kumurikira isi muri rusange, kugirango abantu bashobore kubaka **IBONUNUMVA RISHYA** mu binyagihumbi bibiri biri imbere. Aya **MABARUWA** ni imbuto z'iterambere rya roho ritaha ry'inyoko-muntu. Brw1/15

### **ICYITONDERWA :**

**Ni iterambere rya roho ry' "ibonunumva ry'inyoko-muntu" rizana iterambere mu by'imitakerereze n'imikorere, haba mu buzima bwite cyangwa rusange. Ni na ryo rigeza inyoko-muntu ku mibereho myiza igenda irushaho kunoga. Brw1/16**

Niba mushidikanya, nimwitegereze ibinyagihumbi bibiri bishize, murebe ibyagezweho kuva aho ubwanjye mvugishirije abantu bwa nyuma. Habayeho injyana yo gukura buhoro buhoro ugana **urukundo rwa kivandimwe** nigishije Abayahudi ubudahwema. Brw1/17

**Igihe nari ku isi, nta miryango ndengera-muntu yabagaho nk'iyi mufite ubu. Brw1/18**

**Inyota y'ubutegetsu, iy'ibintu no kwishyira imbere, byari byemewe nk'imyitwarire isanzwe. Brw1/19**

Urukundo rwa kivandimwe rwari ruke, ndetse no mu Bayahudi abahanuzi bari barashishikariye amasekuruza gukunda bagenzi babo nka bo ubwabo. Brw1/20

**Uko inyoko-muntu yagiye ikuza ubushobozi bw'urukundo rwa kivandimwe, ni ko yatumye imibereho yayo irushaho gushimisha no gususuruka mu kwubahana, ikinyabupfura, ubugwaneza; mu kwubaka ibitaro, amashyirahamwe yo kwita ku buzima bwiza bw'abana, no kurengera abasaza, imiryango y'uburenganzira bwa muntu, n'indi miryango myinshi igamije iterambere ry'imibereho ya muntu. Ibyo byose byaturutse mu bwenge no mu mitima y'abahaye agaciro bataryarya amagambo yanjye y'umwimerere yavugiye muri Palestina, ashishikariza abantu urukundo rwa kivandimwe n'impuhwe kuri bagenzi babo. Brw1/21**

Uwo mwuka wo kwita ku bantu n'urukundo rwa kivandimwe, byungutse imbaraga z'ikirenga mu kinyejana cya 19, igihe amagambo yanjye yigishanyijwe ukuri n'uburemere bishya, akakiranwa ibyishimo n'abayoboke badatenguha kandi bataryarya. Abigisha n'imiryango y'abigishwa bari barakwiriye isi yose kuri buri mugabane. Sabato yari by'ukuri nk'umunsi w'ikiruhuko, abenshi mu bakirisitu berekezaga ibitekerezo byabo ku kurangamira ububasha bw'Imana. **Bene iryo hagarikwa ry'inshingano n'imirimo ya buri muni ku isi hose, ryatumaga**

---

<sup>3</sup> The purpose behind these letters (ijambo ku rindi: intego iri inyuma y'aya mabaruruwa)

iyerekezwa ku Bubasha Buremyi Nya-mana<sup>4</sup> ry'igitekerezo-mbonunumva rimara amasaha 24, rirema ibonunumva “nya-muntu/Nya-mana” rifite imbaraga kandi ridategwa, rishyigikiye kandi rigahuza ubuzima bw'abantu. Ukwambaza kw'abantu kwakuruye Ububasha bw'Imana mu ibonunumva ry'abantu no mu bunararibonye bwabo, kuba impamvu itaziguye y'ikura n'iterambere ry'ubuzima bw'abantu mu nzego zose. Brw1/22

Nyamara, abantu bari batarakamenya uko baganisha mu **bwenge Ububasha Nya-mana mu miyoboro y'ubuhanzi bwa roho aho kubuganisha mu miyoboro y'ubuhanzi bwa “jye-babona”**. Kubera iyo mpamvu, gukwira hose kw'“imitekerereze rusange” kwazanye imbuto “mbi” ziturutse ku “bubasha bwa jye-babona”, hamwe n'imbuto “nziza” ziturutse ku ibonunumva nya-roho' ry'abantu bahumekewemo<sup>5</sup> kandi bamurikiwe. Brw1/23.

**ICYITONDERWA : NI YO MPAMVU..... Ngarutse nkana kudasobanurira .....ihame rikomeye ry'imbibereho. Musome mwitonze, ndabasabye:Brw1/24**

Dore:

\*Ibonunumva bwite ryanyu ni ryo nyirabayazana yuzuye mu biba mu buzima bwanyu bwose no mu bunararibonye bwite bwanyu. Ni **ibonunumva** bwite ryanyu ribazanira icyiza cyangwa ikibi. \* Brw1/25

\*Mu ibonunumva ryanyu ryikoresha<sup>6</sup>, mugarura inzibutso, zibisharazemo bya cyane nyamara rwihihwa, z'ibikomere by'ubuzima n'amarangamutima byahise, bituruka ku buzima bumwe cyangwa bwinshi bwabanje, bishobora kuvumbuka bigatera ibara mu ibonunumva ryanyu rya none. \*Brw1/26

\* Birashoboka ko amasengesho y'imbaraga yanyu, asaba kworoherezwa iki cyangwa kiriya, yumvwa; ariko ibyo ntacyo bizabamarira ku buryo burambye, **niba gatekerezi yanyu n'umutima wanyu bihora binyuranya n'Amategeko Mpuzahose<sup>7</sup> y'URUKUNDO, kandi mukabaho mu mitekerereze y'ubuneguranyi buhoraho.\*Brw1/27**

**Amategeko Mpuzahose y'Imibereho areba GUSA 'ibijyanye n'ibonunumva'.....araboneye kandi ntahinduka.....Ntabwo ari ibihembo cyangwa igihano cy' 'IMANA'. Brw1/28**

**Nsubiremo : Ntabwo ari 'IGIHANO CY'IMANA' - ajyana n' 'Impamvu-Nyirabayazana z'Ibonunumva' zikurura/ zimatisha utuvungukira tw'amashanyarazi, ari na two bityo twibumbira hamwe tukagaragarira isi nk'amaforma akomeye n'ubunararibonye bigaragara hanze. Brw1/29**

**ICYITONDERWA : Rimwe na rimwe, mu isengesho rifite imbaraga, abantu bahuza n'UKURI NYA-MANA kwihishe inyuma no mu biremwa byose Kukabasubiza, noneho imikorere yaKo ikigaragaza by'akanya gato**

---

<sup>4</sup> Divine (\*)

<sup>5</sup> inspired

<sup>6</sup> Sub conscious

<sup>7</sup> Universal (\*)

nk'amajyambere ngombwa mu buzima bw'umuntu ku giti cye n'ubw'igihugu, - maze abantu bakaba bakwiyamirira bati : "Dore igitangaza" ! Brw1/30

Nyamara - uko igihe kizagenda gishira, - **imiterere y'ibonunumva bwite cyangwa ry'igihugu izasubira uko yari imeze mu bunararibonye bwabo, yongere ibyare ingaruka mbi zayo mu buzima cyangwa mu bindi nka mbere. Brw1/31**

Ntimushobora kuzana impinduka irambye mu buzima bwanyu keretse muhinduye ibonunumva ryanyu. Brw1/32

Abantu rero bagomba gusenga no kwihatira kugera ku **Rukundo** rutagira ikigombero. Brw1/33

**Kubera ko mu kinyejana cya 20 ubushobozi bwa gatekerezi y'abantu kwasumbye kure imikurire yabo mu buzima bwa roho. Brw1/34**

Abashakashatsi bibwiye ko bashobora gusobanura inkomoko y'irema, bavuga ko ryatangiyeye nk'impanuka. Nk'ingaruka zitaziguye z'icyo, abantu bajugunye imyitwarire mbonezabupfura, bimika byuzuye irari ryabo bwite. Brw1/35

**Babimbura batyo ku isi igihe gishya cy'iterabwoba, kuko batangiye kurema iforoma nshya y' 'ibonunumva rya babona' y'isi, ihanganye ku buryo butaziguye na KAMERE Nya-mana - URUKUNDO RUTAGIRA IKIGOMBERO. Ibonunumva rya muntu rifunga umuyoboro utuzanamo umwuka Nya-mana. Brw1/36**

**ICYITONDERWA**<sup>8</sup> Ibishushanyo byo mu bwonko biteye isoni, bihora bigenda byiyongera mu mitwe y'abantu bake, byashoboraga gukumiririrwa ahantu hatu mu kinyejana gishize, ubu byahindutse

#### **INDWARA YANDURA YO MU MUTWE**

ikururizwa mu byandikwa, senema n'ikinamico, ikanyanyagizwa ku bwisanzure bw'isi, ikarema '**Ibonunumva** rusange **ry'Inyokomuntu**' risa n'iryabo bwite, rigaragarira mu mibonano mpuzabitsina ikabije, urugomo, n'imyitwarire yica urubozo. **UBWO BWANDU BWO MU MUTWE** bugaragarira **mbere na mbere** mu mibereho nyamwigendaho no mu gucura ibikoresho by'ubuhanga - byaremye uburwayi bukomeye mu mihindagurikire y'ikirere, kurumba kw'imirima, kwangirika kw'ibidukijije, kuzima kw'ibinyabuzima, n'itsembatsemba ry'abantu. Brw1/37

Uburwayi bwo mu mutwe bwigaragaza mu miterere y'umuntu nk'imyitwarire yataye umurongo kandi isenya, gufata ibiyobyabwenge, ubugome no kwangirika bibi cyane, ububandi n'imibonano mpuzabitsina ikabije.

Bityo abaherwe bashora amafaranga yabo mu binyamakuru no mu nganda z'ibijyanye no kwishimisha baremye uruziga rubi hagati y'ibitekerezo by'ubuhemu n'ibikorwa by'iyica rubozo<sup>9</sup>. Intego yabo ni iyo kwifatira inyungu za rubanda zashowe mu bwikunde. Brw1/38

---

<sup>8</sup> Note well

<sup>9</sup> perversion

**Sinema na televiziyo byahindutse Bibiliya nshya y'imico y'abantu.** Brw1/39

Ibizazane bwite bitigeze bimenywa n'inyoko muntu mu myaka ijana ishize byakwiriye hose, none abantu babaho mu bwoba bwo kugenda, bifungirana inyuma y'inkuta ndende. Ibibazo by'imiryango n'iby'imibanire y'abantu bigirwa impaka buri gihe mu ruhame. Nguko uko amateka y'ubutindi bwa muntu ahindurwa akarande. Brw1/40

Icyo ni cyo **GISIMBA** kirimo kiza bucece ku butaka bwanyu kikagaburira roho nziranenge **uburozi bunyamaswa.** Brw1/41

**\*\*Ibyo bikazakomeza kugeza igihe Ubumenyi Kristu** bwanjye bumenyekana, bukemerwa kandi bugakoreshwa na benshi mu batuye isi. Kuko ubwo bumenyi buzabereka uburyo bwo kugaruka mu **NZIRA** nyakuri **Y'UBUZIMA** kugira ngo mutangire kurema ubuzima mwifuzza mu by'ukuri.\*\* Brw1/42

***Kubera ko ndi URUKUNDO rutagira ikigombero, ndimo ndavuga UKURI kumwe roho nyinshi zihugukiye iby'ijuru zikenga, ariko kugatabwa hirya n'abakiri impumyi mu byerekeye umwuka – by'agateganyo.*** Brw1/43

**////Aya magambo ntavugiwe kubatera ubwoba cyangwa kubahana, ahubwo avugiwe kubatungira agatoki isoko y'amabi ntavugwa yuzura buri muni ibinyamakuru byanyu, n'ibinyura kuri TELEVIZIYO.////** Brw1/44

**\*\*Urukundo mfitiye bese ni rwo rwonyine runtera** kumanuka nyuze ku mbariro zinyuranye z'ibonunumva kugirango ngere ku rugero rw'ubushanguke bwa muntu ngo mbaburire ku byerekeye ingaruka zabwo mu buzima bwanyu bwa none.\*\* Brw1/45

#### ***IKITONDERWA- GIKOMEYE.***

Mwibaza aho VIRUSI ya SIDA ituruka imunga urwungano rw'agaciro rurinda umuntu-urwungano-mbambizi kandi ikica ubushobozi bwo kwororoka ? Brw1/46

**Iyo virusi nibayireka ikwogera batayirwanyije, -(bitari iby'imiti)-, ahubwo by'IHUMUKA RY'IBONUNUMVA<sup>10</sup> izamara abatihagazeho. Abamurikiwe bazasimbuka uwo mutego kimwe n'indi mitego y'imibereho.** Brw1/47

**Nimukanguke! Mwumve! 'Mushyiguzi'<sup>11</sup> zanyu bwite zikomeye z' 'ibonunumva' ni mushyiguzi z'ubuzima.** Brw1/48

**Ni mushyiguzi z'umuriro-rukuruzi<sup>12</sup> zifitemo irema ry'ikirenga !** Brw1/49

Iyo zifitemo **ubukana, urugomo, ihohotera n'ubwicanyi, zibaruka incenga z'umuriro z'IBONUNUMVA ry'ubukana, urugomo, ihohotera n'ubwicanyi** zifata iforoma ya virusi z'ubukana mu mwuka uhumekwa, zinyanyagira ziva ku nzirakarengane zijya ku zindi. Brw1/50

---

<sup>10</sup> SPIRITUAL AWARENESS (\*)

<sup>11</sup> Impulse (\*)

<sup>12</sup> Electromagnetic.

**Ikivuka kigakurira muri gatekerezi irwaye kigera aho kigafata iforoma mu isi y'ibigaragara. Brw1/51**

Si igihano cy' 'Imana' nkuko amadini ashobora kubyigisha. Ni **INGINGO Y'UBUMENYI BWA GIHANGA BW'IMIBEREHO**. Kubera icyo, birihutirwa cyane ku bantu bitaye ku bijyanye na roho gushyira ku ruhande ibishushanyo-'rwana' abantu bigira mu mitwe kugirango babone neza **Ukuri kw'irema n'imibereho. Brw1/52**

**UBUTUMWA bwanjye kuri KILIZIYA zose. Brw1/53**

**Jyewe Kristu**, nazanywe nkana no kubabwira **ukuri ku bijyanye n'inkomoko ya 'kamere muntu'**. Nzasobanura impamvu nyayo n'ukuntu inyokomuntu yahawe irari kimeza riyisharazemo ryo kwikunda n'indumva-nshaka<sup>13</sup> idufiteho ububasha yo kwishimisha no kwihagararaho. Brw1/54

Ibyo ntabwo ari icyaha, ahubwo ni ingingo imwe mu birebana n'imikorere kimeza y'iremwa. Brw1/55

Nta 'gihano' gituruka hejuru ! Brw1/56

Abantu, mu gukoresha nabi kandi nkana 'Imbaraga za Jyewe-babona' yabo, bikururiraho ubwabo ibihano byabo. Brw1/57

**ICYITONDERWA: Ni yo mpamvu, nkuko ibitabo by'inyigisho z'ubuhanga bihinduka imfabusa uko ubwenge bwa muntu bugenda buvumbura kandi bugacengerwa n' ubumenyi bwa gihanga bwisumbuye, ni ko iforoma iriho y' 'Ubukirisitu' yubakiye ku mahame afutamyeye ashingiye kw'ibambwa ryanjye, yari ikwiye kurekwa ikipfira urw'ikirago. Brw1/58**

**ICYITONDERWA : Akaduruvayo kuzuye isi yanyu muri iki gihe, gatuma haba isenyuka ry'amategeko mpuzamahanga kagasiziriza iterabwoba mpuzasi riri imbere, kerekana neza ko nta dini na rimwe ku isi rifite ubumenyi ngombwa n'ububasha buhagije byo gutoza impinduka mu mitekerereze ya muntu ishobora guhita izana amahoro n'uburumbuke. Brw1/59**

**UMUYOBOZI NYAKURI MU BIJYANYE N'IBYA ROHO** azashobora kwereka abo ayobora impamvu n'ukuntu imitekerereze y'ubu yaremye ibyago n'ibiteye ubwoba, bikaremerwa mu 'ibonunumva' none ubu bikaba ari bwo bikijya kwiyumvikanisha rwagati muri mwe mu buryo bw'ibyorezo, imitingito y'isi, imyuzure, inzara, intambara, imvururu n'ibindi byago. Nimubyemere ! Nta kibi kigwirira isi yanyu kiza ari 'cyimeza.' Ikibangamiye ubusugire bwanyu cyose kiba cyabanje kuvukira mw' 'ibonunumva ry'inyokomuntu', kikabona gufata iforoma mu bunararibonye bwanyu bwose. **Ibyo ni byo nagerageje kubwira Abayahudi igihe nari ku isi - noneho NDARIRA - bansetse kandi bakanga kubyemera. Banyise umusazi. Brw1/60**

Ntimuzatume za kiliziya na zo zikora iryo kosa! Brw1/61

---

<sup>13</sup> desire

Ku mpamvu yuko Kiliziya ziri guta ibitabapfu, zikizimba mu mihango n'amahame yazo, abapadiri n'abapasitoro bazo ntibashobora kubona ibisubizo by'ibyifuzo biri gutera imbere mu bijyanye na roho by'abashaka ukuri bashikanye. Kubera iyo mpamvu za kiliziya ziragenda zishiramo abantu. **Niba zishaka gutwaza, kiliziya zigomba kwigizayo ibizitandukanya kandi zikagira ubwiyoroshye buhagije bwo kwemera ko ibikomoka ku Mana bitagombera kunyura mu nzira zo zemera kugirango bigere ku isi. Zigomba kwibuka ko jyewe Kristu ntari nemewe mu Bayahudi.** Kiliziya zigomba guhorana roho n'umutima bifungutse kugirango zakire icyo ziyumvisha ko ari ukuri kwisumbuye ku kuri zikomeyeho kandi zikanareka imyemerere ishaje yatumye **IGIKOKO** cyigarurira ibitekerezo by'inyokomuntu. Brw1/62

Nimusenge nta buryarya, na roho yanyu yose, n'ubwenge bwanyu bwose, n'umutima wanyu wose, kugirango- **mumurikirwe by'ukuri-** aho guhora musubiramo imyemerere ishaje kandi itari yo. Nimukanguke kandi mwemere ko iyo mihango n'imyemerere ishaje yanyu bitabagejeje ku byo nabwiye inyoko muntu ubwo nabizezaga nti: "Muzakora ibitambutse ibyo nakoze". Brw1/63

Hagati aho, kugera ubumurikirwe nyakuri bubagezeho (nyuma yo kuzirikana no gusenga cyane), nimwigishe, mwerekane kandi mubeho :

#### **URUKUNDO RWA KIVANDIMWE**

n'imbaraga zose za roho yanyu, n'umutima wanyu n'ubwenge bwanyu-  
umunota ku wundi, mu buzima bwanyu bwa buri muni. Brw1/64

Kubera ko –kugira ngo irwanye imbaraga zisenya z'ibonunumva ry'isi, inyokomuntu igomba gukora ibishoboka byose ngo izamuke yihuta ku rwego rukurikiraho rw'iterambere ryayo. Brw1/65

#### **HAKENEWE BYIHUTIRWA INTUMBERO<sup>14</sup> YISUMBUYE. Brw1/66.**

Ni ngombwa ko hose bemera ko hariho intumbero yisumbuye abantu bagomba guharanira gushyira mu bikorwa mu buzima bwanyu bwa buri muni. Brw1/67.

**Kugera ku ntumbero yisumbuye ni cyo cyonyine kizafasha isi kudatikira burundu.** Brw1/68

Hatabonetse iyo ntumbero haba ku muntu cyangwa ku isi nta terambere rya roho, nta no kuba mwagera kuri bya bintu mwifuza cyane. Uko mubona ubuzima ubu ngubu, mububonamo imvune no kwizirika umukanda. Ibyo byemerwa byamamazwa na televiziyo zanyu kandi bikaremezwa ku buryo bidashobora kwibagirana. Nyuma bikabazanira ubutindi mwibwiraga ko budashobora kubashyikira. Brw1/69.

Bityo rero, kugirango mukire ibisazi bwite byanyu, binyura mu binyamakuru na televiziyo, 'ibonunumva ry'inyoko muntu' rigomba KUZAMURWA VUBA NA BWANGU kugira ngo mubone **ibyo nabonye mu butayu -**

**Urukundo nk'Ukuri** kwihishe inyuma no mu mibereho yose. Brw1/70

**ICYITONDERWA.** Igihe uko kuri nyamukuru kuzagaragara kandi kukakiranwa ubwuzu, **Urukundo nk'Ukuri** ruzatangira kwigaragariza ubwarwo mu buryo

---

<sup>14</sup> High Vision : Intumbero yisumbuye.

bwinshi muri buri kinyabuzima yewe no mu bidukikije ubwabyo. Ubunararibonye bw' uburumbuke n'ibyishimo buzashimangira ibonunumva ry'uburumbuke n'ibyishimo. **Nguko uko hazashyirwa nzira uruzigamwuka rukura rugarukirana<sup>15</sup> rw'ubuzima bugenda burushaho gushyirwa ejuru no guhebuza.** Brw1/71

Igihe umwimerere NYAKURI w' 'ikiriho' uzumvwa neza, inyokomuntu izurira ku rubariro rukurikiraho rw'imikurire mu mwuka, maze itangize iforoma nshya kandi ifite umugisha y'imikorere ya muntu n'ubunararibonye bwite. Kugirango izo ntego zizagerweho, inyoko muntu igomba kubanza kugera ku bushishozi bwo kumenya : Brw1/72

### **ICYO muri cyo n'ABO muri bo. Brw1/73**

Dore hari ikibazo gishya kandi gikomeye kirimo kiza mu ibonunumva ry'abantu: 'Muri ba nde - mu by'ukuri - inyuma y'ishusho mwereka rubanda? Hagomba iki kugirango umuntu abe **NYAWE?** Brw1/74

Ni icyo kibazo 'muri ba nde by'ukuri' gisubizwa, mu ngeri zose z'ukuba kwanyu mu mpapuro zikurikira. **Nimushobora kwakira nk'imirongo ngenderwaho mu buzima bwanyu bwa buri muni ibyo numvise byose muri bya byumweru bitandatu namaze mu butayu, amaherezo namwe muzahinduka abantu BUZUYE kandi NYABO, nkuko nanjye nahindutse umuntu WUZUYE kandi NYAWE mbere yuko ntangira umurimo wo gukiza no kwigisha.** Brw1/75

Nk'uko muri iki gihe hari bake ku isi bashobora kwiyumva nk'ABUZUYE, mugomba kwemera byanze bikunze ko byihutirwa cyane ko **niyinjiza muri gatekerezi yanyu** kugira ngo mbageze ku buryo bushya bwo kwumva no gutekereza. Impinduka nk'iyi mu ibonunumva izabageza ku mubano Nya-mana n'Ukuri kw'imibereho n'umutekano birushijeho kuba byiza. Brw1/76

Kugira ngo mbase gukora uwo murimo w' 'ivugurura' mu 'ibonunumva ryanyu', ngomba kubanza gushyirwa muri gatekerezi zanyu - kandi mukabyemera - ko hari byinshi nigishije muri Palestina abantu batari biteguye kwakira. Brw1/77

Bifite icyo bivuga kubona nta na rimwe bigeze bibaza mu ruhame impamvu ibyiruka ryanjye ritigeze ryandikwaho. Ni iyihe mpamvu nyakuri yihishe inyuma y'iburizwamo riremereye gutyo? Brw1/78.

**Bifite icyo bivuga nanone ko, nubwo namaze ibyumweru bitandatu mu butayu, nyuma y'ibatizwa ryanjye, nkavayo ndi UMWIGISHA n'UMUKIZA<sup>16</sup> nta mwanitsi n'umwe wigeze agerageza kuvuga ibyabereyeyo nyakuri muri icyo gihe, uretse kuvuga ngo 'Shitani yaranshutse', ngo 'nabanaga n'inyamanswa z'agasozi', kandi ngo 'abamarayika bari kumwe na we'. Nta n' 'agashweshwe' ku byambayeho mu butayu, byanteye kugaruka mu migi n'imidugudu, ntangaza ngo 'UBWAMI bw'IMANA bubarimo imbere<sup>17</sup>'; nkanigishanya ububasha mu**

---

<sup>15</sup> Spiritual spiral (\*)

<sup>16</sup>Teacher&Healer: Umwigisha n'Umukiza

<sup>17</sup> Within



**nsengeru ku buryo abakuru b'imiryango y'Abayahudi batangaraga. Brw1/79**

Ku bwumvikane bw'intumwa zanjye, ukuri ku byerekeye ubumuntu bwanjye kwarahaganuwe kugira ngo icyo bitaga 'Ubumana' bwanjye ndetse n'umurimo wanjye birushaho kwemerwa. Brw1/80

Mu Ivanjiri bavuga ko nari 'Umwana w'ikinege w'Imana'. Kuki se noneho navugaga kenshi ko ndi 'Umwana w'Umuntu' ? Ibyo nabivugaga nkana ngira ngo ndwanye imyemerere yari iriho icyo gihe ijyanye n' 'ubumana' bwanjye, no gushimangira mu bwenge bw'abantu ko nari nsangiye na bo amavuko. Nashakaga ko bumva ko ibyo nakoraga na bo bashoboraga kubikora, baramutse bafite ubumenyi bwanjye kandi bagakurikiza amabwiriza yanjye ku bijyanye n'ibitekerezo biboneye n'ibikorwa biboneye. Brw1/81

**Havutse imigani myinshi yerekeranye n'ubumuntu bwanjye n'IBONUNUMVA RYANJYE RYA ROHO ku buryo igihe kigeze cyo kuyivanaho ku buryo bwose bushoboka kuko ibuza abantu gutera imbere mu bya roho. Brw1/82**

Mwebwe abakukiwemo n'inyigisho z'amadini, mugomba kugerageza kwiyumvisha ko mu kuvuga ibijyanye n'ubuzima bwanjye, abigishwa bavuze inkuru nziza bivugiye ibyo bo ubwabo bibukaga kandi byashimangiraga imivugire yabo ngo y'imirimo yanjye "ndengakamere". Bongeramo kandi byinshi byamvuzweho n'abandi mu myaka mirongo itatu yakurikiye urupfu rwanjye. Brw1/83

**Nyuma y'igihe nk'icyo n'iryoshyakuri ritabura**, bashoboraga bate kwandika "umwirondoro" wanjye w'ukuri, n'uw'ibyari byabaye koko cyangwa se gusobanura ku buryo buhitse imibonere yanjye nyayo ya roho yabyaye amagambo n' "ibitanganza byanjye" ? Brw1/84

Umuntu umwe wenyine ni we ushobora kubivuga nk'uwari uhari – kandi uwo ni jyewe ubwanjye. Bityo rero aya **Mabaruwa** azabazanira **Ukuri** kwanjye ku buryo nta muhamya n'umwe washoboraga kubikora, utitaye ku buryo baba bibwira ko bumvise neza imitekerereze yanjye. Brw1/ 85

(Kubera iyo mpamvu, kuva imyaka miringo ine ishize, "imyumvire" ya 'nyirikwandika' wanjye yahanaguwemo inyigisho zose zitwa ko zemewe, imwe ku yindi, kandi n'uburyo dutumanaho bwaranogejwe). Brw1/86

Niba **Ukuri** kwanjye kwanditse muri aya **Mabaruwa** kunyuranyije na byinshi mu byanditse mu Isezerano rishya ryanyu, ibyo byaba impamvu yo kugutangarira cyangwa kwanga kukwemera? Brw1/87

Kubera izo mpamvu ndimo ndamanuka mu ibonunumva hafi yanyu bihagije ngana icyiciro cy'ibonunumva muriho, ngo mbatekerereze iby'ubuzima bwanjye n'inyigisho natanze hashize imyaka ibihumbi bibiri. Brw1/88

**UMWANYA WANJYE MU MATEKA Brw1/89**

Ngomba kubanza kubabwira ko ubuzima bwanjye bwakomajweho mu ncamake mu gitabo "Amateka y'Abayahudi" cyanditswe na Flavius Yozefu acyandikiye Guverineri w'Umunyaroma kikaza no kugezwa ku Mwami w'abami w'Umunyaroma. Brw1/90

Yozefu yavuze muri make ko Yezu, wagerageje guhirika amategeko n'umutekano n'ingoma y'Abanyaroma, yahanwe akabambwa ku musaraba. Brw1/91

Baketse ko ari undi Yezu Yozefu yavugaga. Ariko si byo. Jyewe, nyuma waje guhinduka **KRISTU** wakoraga ngo ibitangaza byo gukiza indwara no kugaragaza ibintu bivuye mu busa, nari uwo mwigaragambyi koko. Ariko - sinagumuraga abaturage. Sinoshyaga ku bwende rubanda ngo bigomeke ku Banyaroma, ngo barenge ku itegeko kandi bahungabanye umutekano. Brw1/92

Nivumburaga ku mico-karande y'Abayahudi. Nkanivumbura kandi kubera ko nyuma y'ibyumweru 6 namaze mu butayu, **nabonye uburyo bwisumbuye bwo gutekereza no kubaho, ngerageza kandi kubutoza abavandimwe banjye b'Abayahudi ariko sinabigeraho.** Brw1/93

Ni ngombwa ko mwumva ko igitutu cy'imyumvire ya rubanda cyaremereraga abigishwa banjye. Nubwo bemereye koko ko nazaniye Abayahudi ubutumwa bukiza roho, kandi ko nari Umukiza, "Umwana w'Imana", ntibyababuzaga gukomeza kuba ab'isi, bagerageza kubana na yo neza uko bashoboye. Ku bw'ibyo, nubwo bari bazi ko ntajyaga imbizi n'imyemerere y'Abayahudi, ntibari bishimiye kurekura burundu Ikiragano cya Kera kubera ko cyabereye inkingi Abayahudi kigatuma badatana mu mateka yabo yose. Kugira ngo bahagarare ku byo batekerezaga ko bifite agaciro mu myemerere ya mbere, bahanaguye icyari cyo cyose cyageragezaga kuvuga "uwo" nari we. Brw1/94

**Intumwa zanjye na Pawulo biremeye inyubako bwite "y'ibyemerwa bitagatifu", bashingiye ku byo bifuzaga kugumana mu bijyanye n'ubuzima n'inyigisho byanjye. Bigishije kandi bashyigikira ibyo bo bumvaga bihitse kuri rubanda -Abayahudi n'Abanyamahanga kimwe - muri icyo gihe no mu bihe byari buzakurikireho.** Brw1/95

**Bityo rero batoranya ibyo bashoboraga gukoresha "bareka" igice kinini cy'ibyo nise "amabanga y'Ingoma y'Imana" kuko batigeze bayumva.** Brw1/96

Nta nubwo basanze ibyo byaba byiza mu kurema imyumvire mishya y'"**Ubumana**"- "**Data**". Brw1/97

**Kugira ngo bahagarare ku kwemera Nyahudi kw' "ikizwa ry'igihano cy'ibyaha" hakoreshejwe igitambo mu Hekaru, "uwitwa Yezu" yafashwe nk'igitambo "kiruta ibindi" cyishyuye ibyaha by'abantu hakoreshejwe ibambwa ryanjye. Icyo cyemerwa cyagaragiraga inyungu nyinshi muri icyo gihe.** Brw1/98.

Cyahaye urupfu rwanjye ku musaraba impamvu igaragara kandi y'ubutwari. Cyemeje rubanda ko nari "umwana w'Imana" wasohoje ubutumwa bwihariye kugeza ku ndunduro y'ubuzima bwanjye. Brw1/99

Icyo cyemerwa cyabereye kandi Abayahudi igihozo gikomeye ubwo Hekaru yabo yasenywaga n'Abanyaroma, kinatera abantu benshi guhinduka. Brw1/100

Udutsiko twinshi tw'abemera b'Abayahudi - n'Abanyamahanga, ntibemeraga ubuzima nyuma y'urupfu. Kubera iyo mpamvu byarabahumurizaga cyane kumva ko Yezu Kristu yatsinze urupfu akagumana umubiri we. Ku gice kinini cy'imitekerereze y'abantu icyo gihe, ubuzima ntibwashobokaga nta mubiri. Ubuzima nyuma y'urupfu rero nta kindi bwashoboraga kuvuga kitari izuka ry'umubiri. Brw1/101

Ibyo byatumye n'izina ryanjye riguma kuba rizima mu bwenge bw'abantu. Nari umuntu "w'ikirangirire" wapfuye gitwari kugirango muntu akizwe ubwoba bw'umuriro w'iteka n'umuvumo. Bapfaga kunyemera gusa, bikabaha kugenda nk' "abantu babohoye". Brw1/102

Icyo cyonine ko izina ryanjye ryakomeje kwibukwa kugeza umunsi wa none ni cyo kinshoboza kuza mbasanga ngo mbahe ku **KURI** nifuje cyane gusangira na rubanda hashize imyaka ibihumbi bibiri. Brw1/103.

### **UBUTO BWANJYE N'IBYAMBAYEHO MU BUTAYU Brw1/104**

Navukiye muri Palestina. Mama yumvaga nta kabuza ko nzaba Umukiza. Binyuranyije n'ibyo rubanda bemera, ntabwo nari umwana mutagatifu. Brw1/105

Ku myaka cumi n'ibiri, ubwo najyanwaga muri Hekaru ngo mbazwe n'Abatware b'Ababahereza-bitambo kugirango bamenye niba nshobora gutangira gutozwa Idini rya Kiyahudi, narirukanwe kubera ko ngo ntavaga ku izima. Brw1/106

Mama angarura mu rugo amanjiriwe ariko akora uko ashoboye ngo andere mu butagatifu bwagaragaraga mu myifatire ye bwite igihe cyose. Byari umurimo udashoboka kuko hejuru ya byose nari nyamwigendaho n'ikigande mu myifatire. Nangaga inama za mama n'igerageza rye ryo kunshyira ku murongo. Mu bugimbi, mpinduka icyigenge, icyigomeke nyakuri !! Brw1/107

Sinakozwaga ikomera rya mama ku kwemera n'imico by'Abayahudi, ngahitamo kwiterera urwenya aho kurangwa na bene iyo myifatire yitwa ko ari mitagatifu. Nangaga kugira umwuga niga watuma mboherwa mu kamenyero kamwe. Nahitagamo kwivanga na bose mu mburakirengera tugasangira inzoga, nkajya mu ndaya, nkishimira kuganira, kujya impaka, guseka no kunebwa. Iyo nakeneraga amafaranga, najyaga gukora mu mizabibu umunsi umwe cyangwa ibiri, cyangwa ngakora ibindi biraka byampaga amafaranga ahagije yo kurya no kunywa n'ubwigenge nari ndarikiye. Brw1/108

Nubwo nk'umuntu, nari mfite intege nke muri byinshi, imyifatire itagira icyo yitaho yuzuye ubunebwe no kutagira icyo uha agaciro, ubwikunde n'ubutagondwa, nari mfitiye impuhwe nyinshi rubanda. **Nari nuzuye amarangamutima. Mu mvugo yanyu ya none, mwanyita umuntu urangwa no "kugagambuka" n' "amarangamutima arenze urugero".** Nari mfite umutima usususuritse wuzuye ubwuzu n'impuhwe. Uburwayi, umubabaro n'ubukene byankoraga cyane ku mutima. Nari umurengezi utajegajega w'abo mwita « abahanya ». Mwavuga ko nari "umuntu wa rubanda". Nabanaga na bo tumenyeranye cyane, dufitanye agakungu; nategaga amatwi imibabaro yabo, nkabumva, nkabitaho. Brw1/109

Ni ngombwa kumva imvano n'ibirango by'ubusore bwanjye, kuko ari yo mahwa yanjombye akansunika anyerekeza mu gihagararo cya Kristu narangirijemo. Brw1/110

**Ibyo nangaga kurusha ibindi kandi narwanyaga cyane byari ubutindi, uburwayi n'ubukene nabonaga impande zanjye. Brw1/111.**

Byatumaga ndakara - nkagira umujinya w'umuranduranzuzi, cyane mbonye abantu bambaye incabari, b'iminanu, bashonje, barwaye ari n'ibimuga basuzugurwa n'abategetsi b'Abayahudi batagira umutima bakabagerekaho amategeko n'imigenzo y'abakurambere bidafite agaciro, bakabatera ubwoba bw'ibihano bya Yehova ngo baramutse batumviye. Nabwiraga abanyumvaga bose ko izo mbabare zari zifite umutwaro uremereye bihagije zitagombye gukandamizwa n'amategeko atagize icyo avuze yo kuzibuza ibyishimo gusa. Ubuzima se bwari buvuze iki niba umuntu ataravukiye kwishima? Brw1/112

Sinemeraga ngo iyo Mana"itabera" yo mu mucu w'Abayahudi. Ibyo abahanuzi bo muri Bibiliya batongeraga abantu bijyanye "n'ubucamanza" ngo bwa Yehova no "kurakarira" abantu kwe byanteraga iseseme. Abantu nyine bari abantu bakitwara kimuntu. Babaga baravukiye mu cyaha- kubera iki rero bagombaga kwongera gucirwa urubanza no guhanishwa ubuzima bw'akababaro n'ubutindi ngo ni uko banyuranyije n'Amategeko icumi y'Imana? Harimo ubuhe bwenge mu iteka nk'iryo? Brw1/113

Kuri jyewe iyo myemerere ya Kiyahudi yashushanyaga "Imana" itagira umurongo mu bwenge kandi y'ingome, rero sinifuzaga kugira icyo mpfana na "YO". Numvaga ko niba "imana" nk'iyi yariho koko, hakurikiragaho ko inyoko muntu yakatiwe igihano cy'ubutindi buhoraho! Ubuhehere n'ubwigenge nasangaga mu dusozi, ibibaya, ibiyaga n'imisozi miremiremire byamfutsaga roho bikanacubya imyitombo yuzuye uburakari nagiriraga Imana y'Abayahudi. Kubera ibyo rero nangaga kwemera ijambo na rimwe Abakuru b'Abayahudi bageragezaga kunyigisha. Brw1/114

Ariko ku myaka makumyabiri n'itanu, ibitekerezo byanjye bifata ikindi cyerekezo. Uko narushagaho kugenda ntembera kenshi jyenye mu misozi, kwigaragambya kwanjye kwagiye gusimburwa buhoro buhoro n'icyifuzo kigurumana cyo kumenya no gusobanukirwa n'imiterere nyayo y'ICYO cyahumekeraga byanze bikunze mu byaremwe. Brw1/115

Ngaruka ku buryo nabagaho, mbona umubabaro ingeso zanjye zateraga mama, ndetse n'abandi benshi. Nubwo nagiriraga impuhwe nyinshi abatagira kivurira n'abanyabyago, kamere yanjye yo guhangana yari yarambyukijemo imyitwarire yo guhubuka no kwikunda ku byerekeye umuryango wanjye. Urukundo rwabo rwari rumvumbitsemu ruravumbuka, nisanga noneho mpaganye ahubwo n'imyitwarire yanjye yahise. Nza kumva bavuga Yohani Batisita n'umurimo yakoreraga mu Bayahudi babaga baje kwumva amagambo ye, rimwe na rimwe baturutse n'i Yeruzalemu. Niyemeza kujya kumureba ngo nanjye mbatizwe. Brw1/116

Ndi mu nzira njya ku Mugezi wa Yorudani numvise nishimye cyane ntekereza ukuntu ngiye kubatizwa no gutangira ubuzima bushya. Brw1/117

Nari nzi ko, nubwo nagiraga amaranga mutima yananiranye, nari naranavukanye ubwenge butyaye n'impano yo kujya impaka zuzuye ubwenge butuma banyemera, nkaba nari narayikoresheje nabi kandi ntawe nubaha ku buryo bwashoraga abantu mu

ntoganya z'urudaca. Nari narapfushije ubusa amatalenta yanjye nyakoresha mu buzima bwikunze bwo kwishimisha n'ubw'inkorabusa. Byatumye nta agaciro mu bantu, ndetse n'icyubahiro kuri jyewe ubwanjye. Nabera numva nanjye ko bitari ibyo kwihanganirwa. Numva ko guhera ubwo nashoboraga kandi nagombaga gukoresha amatalenta yanjye neza kurushaho. Aho gusakuza gusa, wenda nashoboraga kubona uburyo bwo korohereza imitwaro abo nari mfitiye impuhwe zingana zitcyo. Kugeza icyo gihe nta n'umwe nari narigeze ngira icyo marira. Brw1/118

### **BATISIMU YANJYE Brw1/119**

Ninjira mu mazi ya Yorudani ngo mbatizwe na Yohani, nta kindi nari niteze usibye kwumva nduhutse, kubera ko nabera nari nafashe icyemezo kizima mu kuvugurura imyitwarire yanjye. Nari niteze kwiyumvamo umugambi mushya wo gusubira mu rugo ngatangaza mama n'abaturanyi mbagaragariza urukundo ntari nsanganywe. Brw1/120

**Uko byagenze nyirizina igihe Yohani ambatije byambereye ubunararibonye bunyuranye burundu n'icyo naba narigeze ntekereza na rimwe ko gishoboka. Brw1/121.**

Numvise mu mubiri wanjye hahagurutsemo umuvumba munini w'imbaraga zidasanzwe. Byambereye nk'ukubiswe n'inkuba. Mu gihe nasohokaga mu mugezi ndandabirana, numvise nererejwe mu ibonunumva ku buryo budasanzwe. Ikibatsi cy'umunezero urabagirana cyaranteruye kugeza aho numvise natwawe. Nari natwawe n'ibyishimo kandi mbonanumva Urumuri rwinshi. Brw1/122

Navuye ku ruzi ndandabirana, ngenda igihe kirekire ntazi iyo ngana. Nkomeza gutyo ntabona kugera mu butayu. Brw1/123

**Ndabasabye mwumve neza! IBYUMWERU BITANDATU NAMAZE MU BUTAYU** byabaye igihe cyo gusukura byuzuye ibonunumva ryanjye rya muntu. Imyifatire, imyemerere n'indakuzi bishaje byarasibanganyijwe. Brw1/124.

Igihe kirageze ngo ngeze ku bashobora kwakira ibyo niyumvisemo, 'nabonye', nahagazeho kandi numvise. Brw1/125

(Kugira ngo mfashe abantu kwivana mu mitwe amashusho ya kera y'"imana" yo muri bibliya, nzirinda kuvuga "Imana" nkoresheje iryo jambo. Ahubwo zakoresha imivugire ifungura ubwenge bwanyu ngo mubashe kwakira 'ukuri nyakuri' kuri hejuru y'ibigaragara, amabara, amajwi, amaranga mutima, n'umyumvire byo kw'isi. Iyo mivugire izagenda irushaho kwumvikana uko muzatwaza mu kuzirikana no mu gusenga.) Brw1/126

### **IBYO NUMVISE NDI MU BUTAYU Brw1/127**

Nererejwe mu rumuri rw'imbere rurabagirana kandi numva mvumera, ndi muzima ku buryo bw'agatangaza kandi mfite imbaraga. Nari nsedereye gutwarwa hamwe n'ibyishimo, nuko menya ntashidikanya ko UBWO BUBASHA ari bwo bwari Umuremyi w'ukuri, ibiremwa byose bikomokaho. Brw1/128

Iyo njyana y'imbere yuje ikuzo, ayo mahoro, ukwo kwumva byujujwe nta makemwa, icyo gihe ntagereranywa kihagije ubutagira ikindi gikenera byari rwose kamere nyirizina y'Ukuri, -Ububasha Buremyi- buha Ubuzima ibyaremwe n'imibereho.

Brw1/129

**Icyo 'nabonye', numvise neza kandi nasobanukiwe mu butayu. Brw1/130**

Nererejwe mu rundi rwego rw'imyumvire mbonanumva<sup>18</sup>, rwatumye mbona UKURI ku byerekeye ubuzima n'imibereho. Nabonye, nta shiti no gushidikinya, icyari ireme n'icyari baringa mu mitekerereze ya muntu. Brw1/131

**Numvise ko ubwo 'Bubasha Buremyi' nari ndimo menya butagira iherezo, bubaho iteka, buba hose, bwuzuye urubuga rwose hejuru y'ikirere, y'inyanja, y'isi n'ibiriho byose. Nabonye ko icyo CYARI UBUBASHA bwa ROHO<sup>19</sup>. Brw1/132.**

**ICYO cyari UBUBASHA BUREMYI BWA ROHO. Brw1/133**

**Nta hantu na hamwe ubwo BUBASHA NYA-MANA BUREMYI bwa ROHO butabaga. Brw1/134**

**Numvise ko roho y'umuntu ikomoka kuri ROHO NDEMYI NYA-MANA ariko ko imeze nk'agatara k'umushashara gacanywe n'izuba. Brw1/135**

Rimwe na rimwe imirebere yanjye ya muntu yazamurwaga mu rwego rwa roho ku buryo nashoboraga guhitanya amabuye, isi n'umucanga nkabibonamo imbere. Noneho byose bigasa gusa n' "ururabagirane rw' 'udukungugu' duto". Brw1/136

**Mbona neza ko nta kintu na kimwe gikomeye<sup>20</sup> kibaho! Brw1/137**

Iyo nashidikanyaga ko ari uko byaba bimeze, ntibyongeraga guhindura isura. Bitinze cyane, navumbuye ko ibitekerezo byanjye iyo byabaga byuzuye UKWEMERA byashoboraga gutera impinduka muri wa "mukungungu urabagirana" (uwo ni wo ubuhanga bwa none bwita incenga zuzuye amashanyarazi.) noneho bigatera impinduka mu misusire y'urutare cyangwa ikindi kintu cyose nabaga nitegereza. Brw1/138

Icyo gihe ni bwo numvise ko icyemezo cyangwa UKWEMERA KUTAJEGAJEGA bishobora gutera ingaruka ikomeye ku bidukikije iyo bije nk'itegeko cyangwa imyemerere isanzwe. Brw1/139

Igitanganje kurusha ibindi nuko numvise ku buryo nyagura-bwenge, mu "ibonunumva rizira imipaka", ko ibyo nari nahagazeho byari koko '**Ububasha Buremyi**' bwa **Roho Mana Ubwayo** bwagaragaraga mu burabagirane bw'utwo « dukungugu tudafatika. » **Brw1/140**

---

<sup>18</sup> Conscious perception

<sup>19</sup> Mind

<sup>20</sup> Solid

Hakaniyongeraho ko **imisusire** yatwo yashobora guhindurwa cyane n'imikoreshereze y'igitekerezo cya muntu. Brw1/141

Numvise ko nta gikomeye kibaho mu mpuzahose; ibigaragara byose byerakana imimerere y'ibonunumva itandukanye igena ireme n'umuhito<sup>21</sup> bya wa « mukungungu urabagirana.» Brw1/142

**Bityo umuhito wose w'inyuma wari ukwigaragaza kw'ibonunumva ry'imbere. Brw1/143**

**Numvise ko UBUZIMA n'IBONUNUMVA byari ikintu kimwe. Brw1/144**

**Ntibyashobokaga kuvuga ngo iki ni UBUZIMA naho 'kiriya ni IBONUNUMVA.' Brw1/145**

Ibonunumva ryari Ubuzima, n'Ubuzima bukaba Ibonunumva kandi bukaba **'Ububasha Buremyi' bwa byombi; ROHO MANA MPUZAHOSE** hejuru, mo imbere n'inyuma y'impuzahose. Brw1/146

Numvise ko abantu bahaga agaciro gahanitse **jye-babona n'iforoma**. Ntibashoboraga kwiyumvisha ko roho n'ubwenge byakoresha ubundi buryo bufatika butari ukunyura kuri jye-babona. Akaba ari yo mpamvu Abayahudi bari barashushanyije mu mitwe yabo ikiremwa kiruta ibindi kirangwa n'ibyiza n'ibibi byose by'ikiremwa muntu. Ni yo mpamvu byashobokeraga abahanuzi kwemera no kuvuga uburakari bwa Yehova, itera bwoba ry'ibihano, amabonekerwa, indwara n'ibyorezo bihana ukutumvira kwa muntu. Ariko numvise ko ibyo bishushanyo byo mu mitwe yabo byari imigani. Nta byabagaho. Brw1/147

Nabonye ko mu mpande zose z'imibereho ari ROHO, -ubwo bwenge bwigaragaza-yari igikoresho nyamukuru ku bijyanye no kurema ndetse n'umuntu ubwe. Kubera izo mpamvu, igitabo cy'Intangiriro cyagombye gusubirwamo muri aya magambo: "Mbere y'irema hahozeho **-ROHO MPUZAHOSE - Bubasha Buremyi inyuma na mo imbere mu byaremwe ubwabyo. Brw1/148**

Maze 'kwibonera' neza ku buryo budashidikanywa ko **Ububasha Buremyi bwa ROHO MPUZAHOSE** kwasangwaga hose, ari mu buziraherezo bw'ibicu cyangwa mu biremwa byo ku isi, numva muri jye ijwi rimbwira kwitegereza ibinkikije. Nuko mbona huzuye umucanga n'amabuye. Noneho ako kanya nerekwaga ahantu h'ubutaka bwiza harimo ibimera by'amoko yose; ibihuru, ibiti, ndetse n'inyoni zagurukiranaga mu biti, n'inyamanswa zarimo zirisha. Brw1/149

Mu kwitegerezanya agatangaro iryo bonekerwa 'mbona' ko ibimera n'ibiti buri cyose muri byo ndetse yewe n'inyoni n'inyamanswa, mu by'ukuri byari bigizwe n'amagana y'amashyirahamwe y'utunyabuzima duto cyane (abahanga banyu bita serire<sup>22</sup>), twakoranaga tudahwema, mu bwumvikane bwuje umutuzo, kugira ngo tureme ibigize imyanya inyuranye yose y'imbere, n'isura y'inyuma y'ikinyabuzima cyose uko cyakabaye. Brw1/150

---

<sup>21</sup> Form (\*)

<sup>22</sup> cells

**Namaze igihe kinini ndangamiye uwo murimo w'agatanganza, nubwo kuri jye igihe ntacyo cyari kivuze. Muri uko kwitegereza ndahwema, naratekereje nti "Ni nde wari gufundura ko muri ariya mafurebo y'ubwoya, amababa n'impu, haganjemo umurimo w'udushyiramwe tw'utaremwa dukorana kugira ngo dutange ubuzima, iforoma, intungabuzima, ugukizwa, umutekano, n'uburambe ku mibiri y'amoko y'ibinyabuzima anyuranye kuriya." Brw1/151**

**Ako KAZI kakoranwaga ubuhanga ni ko kankururaga.** Brw1/152

Ubwo rero namenye ko **UMURIMO** ari kimwe mu bigize **Ubukozi bw'Ububasha Buremyi** uhereye ku kanyabuzima gato mu bindi (ingirangingo) kari imbere mu nzugano nyabuzima kugeza ku kinyabuzima kiruta ibindi mu mpuzahose, ari cyo - umuntu ubwe.

Mu nzugano za buri kinyabuzima, ibikorwa byose byayoborwaga ku rwego rwa nyuma n'**Ububasha Buremyi Nya-mana** ari na ho hibumbiye gahunda n'imigambi y'irema. Nabonye ko izo gahunda n' iyo migambi ari 'amaforoma y'ibonunumva', kandi bikaba byarashoboraga kwitwa AMAJAMBO, kuko buri JAMBO risobanura iforoma idasanze y' 'ibonunumva'. Brw1/153

**Bityo** IJAMBO ry'inkomoko riri mu **Ibonunumva ry'Ububasha Buremyi** ryigaragaza mu isi y'ibigaragara. IJAMBO, ari na ryo "**Foroma y'Ibonunumva**" riguma muri **ROHO NDEMYI NYAMANA**, rigahora ryibyara. Brw1/154

Ubwo rero nashoboraga 'kubona' ko buri kintu mu mpuzahose, 'kibaho, kinyagambura kandi kikagira ireme ryacyo' mu **Bubasha Buremyi** bwa **ROHO MPUZAHOSE**, itagira iherezo, ihoraho iteka, kandi ikaba ari yo **Mvaho** yonyine nyakuri iri inyuma y'ibyaragaza byose mu *iforoma* yihariye. Brw1/155

Nari nsendereye ibisingizo kubera ko buri kintu mu isi cyakomokaga muri ubwo **Bubasha Buremyi** bw'agahebuzo **bwa Roho Nya-mana** kitaretse no gukomeza kububamo. Natanganzwaga n'uwo murimo wose ukorwa iteka ryose mu ibanga muri buri kinyabuzima cyose harimo n'imibiri y'abantu, nkanibaza ukuntu udutsiko tunzinginya bihebuje gutyo twashoboraga gukorana ubuhanga hakurikijwe imigambi yagenwe kugirango tureme tutibeshya amaforoma ateganyijwe - imibyimba y'ibiti, ibibabi, indabo, imbuto, udusimba, inyoni, inyamanswa n'imibiri y'abantu. Brw1/156

Ni bwo numvise, kandi bisobanutse kurushaho, ko '**Ububasha Buremyi**' bwari bwo **Soko** nyirizina y' '**umurimo w'ubwenge**' wose mu mpuzahose. Brw1/157

Niba inyoko muntu ifite ubwenge ni ukubera gusa ko ibuvoma ku '**Isoko Mpuzahose y'Ikiremwa Cyose**'. Brw1/158.

Byongeye kandi neretswe ko **Ububasha Buremyi Nya-mana** bukora buri gihe bukurikije amahame y'imyubakire, amwe namwe remezo kandi aboneye. Brw1/159

Neretswe ko :

Kimwe n'uko abantu bafite ibibaranga biboneye, na kamere isobanuye neza mu kwigaragaza kwabo mu isi muri rusange-ni nk'uko UBUBASHA BUREMYI bufite na bwo 'Kamere' isobanutse neza n' -ibiburanga byihariye-, umuntu ashobora gutahura



mu buryo ibintu byose byubatse kandi bibeshejweho, ari ibimera, inyamanswa, inyoni, abantu. Brw1/160

‘Nabonye’ ko ayo ‘mahame’ n’ ‘imiterere’ byigaragaza mu miremere y’ibyaremwe byari AMATEGEKO adahinduka, agenga ibireba imibereho byose. Brw1/161

Ayo MATEGEKO asharaze cyane mu bigize ubuzima ku buryo ntawigera ayibazaho. Ntahinduka, arahamye, ariko amategeko nk’ayo ntiyabaho hatari **Ububasha Buremyi bufite Ubwenge** bwigaragaza mu mpuzahose. Ayo ‘mahame’ y’irema, Imiterere y’Ububasha Buremyi ubwabwo, ni aya akurikira: (Kubera ko ayo mahame ahoraho, ndayatondagura mu ndagihe yanyu.). Brw1/162.

### **1. ‘Kamere’ y’ ‘Ububasha Buremyi’ ni UGUKURA. Brw1/163**

Ikinnyabuzima cyose gihora gikura ubudahwema. Brw1/164

UGUKURA ni umumerere mpuzahose, ihame ry’imibereho ridahinduka. Brw1/165

### **2. ‘Kamere’ y’ ‘Ububasha Buremyi’ ni UBUGABUZI N’IFUNGURO. Brw1/166**

Ubugabuzi n’Ifunguro ni imikorere isanzwe kandi yubatse mu mibiri ku buryo butanganje, igaragarira ku buryo busesuye abafata umwanya wo kubisuzuma. Ubugabuzi bubereyeho ibinyabuzima byose hakurikijwe icyo buri cyose cyifuzaga kandi ifunguro rikagororerwa guteza imbere ubuzima no kugubwa neza. Uturemwa duto tuvuka dusanga amata adutegereje muri nyina. Iryo na ryo ni ihame ry’iyobera ry’imibereho umuntu adashobora guhakana. Brw1/167

Nta buhanga bwashobora gusobanura impamvu umurimo nk’uwo utunguranye mu mitunganyirize yo kuramira ibinyabuzima waba waradutse. Uwo murimo ubwawo ushobora kumvikana, ariko ‘impamvu’ n’inkimoko byawo oya. Brw1/168

### **3. ‘Kamere’ ya ‘Bubasha Buremyi’ ni UGUKIZA. Brw1/169.**

Ugukiza ni umuterere kamere w’imibereho, wakwitwa “Uburyo bwo Kunononsora” bugenzwa no kuremya imibereho myiza ya buri kintu, nyamara nta wabasha gusobanura imvano y’umurimo wo gukiza. Brw1/170.

### **4. ‘Kamere’ ya ‘Bubasha Buremyi’ ni UKURINDA. Brw1/171**

Ukurinda ni umumerere nyawo wa Bubasha Buremyi n’imikorere yawo mu isi imeze nk’ ‘igitanganza’ iganisha ku kurinda. (Kuri iki gihe ibitabo byanyu by’ubuvuzi bivuga uburyo bunyuranye bwo kurinda umubiri wanyu, ariko igihe nari mu butayu, nabonye umumerere wo kurinda uba mu Bubasha Buremyi Nya-bwenge ku buryo bukurikira): Brw1/172

Uko ibiti, inyoni n’inyamanswa byagiye binshyirwa imbere ngo mbyitegereze mfashijwe, nashoboye kubona ukuntu ‘igikenewe cyose mu kurinda’ imibiri cyari kitaweho mu rukundo, cyitondewe rwose kuri buri kantu. Brw1/173

### **5. Uwo mumerere wo ‘Kurinda’ ukomatana n’undi mumerere wifitemo umurego wo GUTANGA IBIKENEWE. Brw1/174**

Uwo mumerere wanyigaragarije bisesuye mu misatsi, ubwoya n'amababa byarindaga uruhu rw'ibinyabuzima kandi bikabiha ubushyuhe igihe cy'imbeho n'ubuhundagariro igihe cy'ubushyuhe. Nabonye ko ku mpera h'ingenzi h'intoki n'amano horoshye kandi hononekara, hateganyijwe inzara n'ibinono byabigenewe byo kuharinda. Brw1/175

Ibitsike byarindaga amaso ibyuya, ibihumbyo n'ingohe -bikayarinda umukungugu n'ibikomere. Nasanze inyamanswa zikurura isazi zari zifite ubwoko bw'umurizo watumaga zihita zizikoma. Brw1/176

**Mbega kwitaho n'urukundo byuje umunezero n'ibyishimo byigaragazaga muri utwo ducogocogo tw'umubiri twasaga nk'aho ari duto cyane nta n'icyo tumaze, nyamara kandi twari dufite inkurikizi zikomeye ku mudendezo w'ibinyabuzima byose! Brw1/177**

**Utwo duce tw'inyongera twiyongera ku iforoma y'ibanze y'umubiri, byagaragaraga ko ari ibihangano by'ubwenge bwari bugambiriye gukora ku buryo ibiremwa bibaho mu mudamararo n'umunezero- nta mihangayiko abantu n'inyamanswa bajyaga kubamo iyo badahabwa ibyo 'bice by'inyongera' y'abakire<sup>23</sup>! Brw1/177**

Emwe n'imirimo isanzwe y'umubiri yateganyijwe gihanga ngo yorohera ba nyirayo ku buryo buhamagara gushimira. Ibyo byose byari bipanze neza ku buryo bwihishe. Mbega ukuntu inyoko muntu yari ifite umugisha n'amahirwe yo kuba yaravukiye mu buzima bwitaweho gutyo by'agahebuzo! Nuko ibisingizo byanjye birongera biradudubiza, numva nererejwe mu rumuri rw'imbere rutatse zahabu yuje ibyishimo by'agatangaza - kuko noneho nari mbonye ko hirya yo kurindwa imihangayiko, ibiremwa nyabuzima byari byaranateguriwe kugaragaza **KAMERE** y'urukundo ruvumera ya **Bubasha Buremyi**. Akaba ari yo mpamvu byaremanywe ingingo zabuhariwe: amaboko, ibiganza, amaguru n'ibirenge, intoki n'amano, kugira ngo bibashe kwinyagambura, kwiruka, gusimbuka no kubyina kugira ngo bishobore kugaragaza ibitekerezo n'ibiyumviro byabyo by'imvamutima. Ndetse nanumvise ko inyoko muntu iramutse ishatse kuguruka no kumera amababa, ikemera ibikuye ku mutima ko yabishobora, byarangira itangiye kumera ururingo rw'inyongera rwatuma ishobora kuguruka. Brw1/178

Ni kuri urwo rwego rw'imyumvire ya **KAMERE** ya **Bubasha Buremyi** nabashije kubonatumva byuzuye **URUKUNDO** ruyobora **IMIRIMO** ya **Bubasha Buremyi Nya-bwenge Mpuzahose**. Brw1/179

Mu kwiyumvisha neza urwo **RUKUNDO**, naje gusanga mu byaremwe, "umubyeyi w'umugore" agaburira, akarinda, agashakira ibikenewe kandi akagerageza guteza imbere ubuzima rw'urubyaro rwe; iyo ni yo mikorere y'**URUKUNDO**. Brw1/80

**6. Umumerere cyimeza wa BUBASHA BUREMYI NYA-RUKUNDO NYA-BWENGE bwahaye ibyaremwe umuhito 'n'ireme' bwite, ni UMURIMO. Brw1/181.**

**Buradukorera, budukoreramo kandi bukadukoresha. Brw1/182**

---

<sup>23</sup> Luxury items

### **‘Umurimo’ wabwo uterwa iteka, iteka, iteka n’URUKUNDO. Brw1/183**

Iryo hishurirwa ry’ibyaremwe rinyuzuzwa ibyishimo n’agatangaro. Mbega ukuntu isi tubamo itangaje! Aha ni ho hasumba ahandi mu imurikirwa ryanjye n’imbonerahamwe y’UKURI kwerekeye **ISOKO Y’ICYAREMWE CYOSE. Brw1/184**

Nari namaze ‘kubona’ impamo y’imibiri ifatika igizwe n’amashyirahamwe anyuranye “y’utaremwa duto cyane” dukora dushyize hamwe mu bwumvikane kugira ngo twubake ingingo zinyuranye z’umubiri - inyama, amagufa, amaraso kugeza ku maso n’imisatsi. Brw1/185

Ubunyurane bwonyine bwari hagati y’ayo mashyirahamwe **bwari mu bwoko bw’umurimo** wasabwaga n’ntego rusange yayo. Koko **MUSHYIGUZI NYA-MANA** yihishe inyuma y’uwo umurimo ukorerwa mu mubiri, umurimo wuzuye ubwenge, no kurasa ku ntego, buriya ntiwasanga ari wo wari icyarimwe ihishurirwa n’iremezo ry’imyitwarire bwite ya muntu, igihe rubanda bakoraga bashyize hamwe kugira ngo bagere ku ntego y’umugambi biyemeje? Ubwenge n’umwete babikuraga koko **mu Bubasha Buremyi, nyamara mbega ukuntu imyitwarire ya muntu yari itandukanye igihe yitabiraga imirimo yo kuri iyi si cyangwa undi mushinga rusange uwo ari wo wose ! Kuko hazagamo byanze bikunze amakaraza n’amacakubiri. Brw1/186**

Nguko uko nageze aho numva neza **UBUBASHA BUZIRAHEREZO bw’‘Uburemyi Nya-bwenge’** bukora ubudahwema mu biremwa, bukabikomezamo umurongo, ubufatanye, ubwumvikane n’umusaruro wa buri muni, butigeze na rimwe na hamwe bugerwaho na muntu. Brw1/187

7. **KURAMA** byari umumerere kamere wa **‘Bubasha Buremyi’**. Wasangaga buri gihe ibiremwa bifite ibibitunga bitangaje kugira ngo bikure, bikire indwara n’ibikomere byabyo kugira ngo bigaburirwe umubiri ugumane ubuzima kandi ngo birumbuke birambe kuri iyi si. icyo ni cyo kuri kwonyine ikiremwa muntu cyashoboraga kwizera bidasubirwaho, kandi imikorere yacyo igahoraho, umwaka ku wundi. Izuba, ukwezi, inyenyeri byose biguma mu myanya yabyo kuva imyaka ibihumbi n’agahumbagiza kandi birazwi ko buri cyose gifite inzira yihariye mu kirere - ibyo byose byari ibice by’umugambi mugari ugamije ukuramba mu byaremwe. Brw1/188

Niba ari uko byari bimeze, ni gute hatari kubaho kuramba kw’urumuri ruhoraho rwa Bubasha Buremyi Nya-rukundo Nya-bwenge rwihishe mu biremwa by’amoko yose mu mpuzahose? Bityo iyi si ikaba nta kindi iri cyo usibye igicucu n’ishusho y’izindi si za Bubasha Buremyi Nya-rukundo Nya-bwenge zihishe hirya y’uru rwego<sup>24</sup>. icyukuri<sup>25</sup> cy’ibyaremwe byose cyabaga hirya y’iyi si igaragara. Brw1/189

### **8. Umumerere karemano wa Bubasha Buremyi Nya-bwenge Nya-rukundo wari INJYANA. Brw1/190**

**Nabonye ko hari INJYANA ikora mu isi. Brw1/191**

---

<sup>24</sup> Dimension

<sup>25</sup> The Reality

Buri kintu cyagengwaga n'ibihe byazanaga indabo n'imishibuka y'ubuzima, igihe cy'ikura ry'ibimera cyashyiraga igihe cy'ihisha n'isarura no kurema imbuto zibungabunga uburambe bw'ubuzima bw'ibimera. Hanyuma buhoro buhoro hakaza ishanguka n'ikiruhuko cy'igihe ngaruka mwaka cy'ubukonje. Ariko nta kintu cyaremwe kandi kiriho cyari cyemerewe kuzima. Izuba n'ukwezi byagaragazaga iyo mimerere iri mu mpuzahose. Iyo njyana yashoboraga no gusangwa mu binyabuzima-gore byose. Brw1/192

Bityo, ikintu cyose mu biremwa cyari gifite igihe cyacyo kihariye cyo kuboneka no gusarurwa. Byakurikiragaho ko na muntu ubwe yarangwaga n'ibihe byo gukura no kuganza, n'ibihe byo guhwekera. Brw1/193

#### **9. Umumerere karemano wa Bubasha Buremyi Nya-bwenge Nya-rukundo wari ITEGEKO n'UMURONGO. Brw194.**

Umurongo ntagorama n'ubwizerwe biboneka mu biremwa, ndetse bikanagenga uturemwa tunzinya (serire) tuba mu mubiri, byari bitangaje kandi birengeje kure cyane ubushobozi bwa muntu. Bityo impuzahose yose yakoreraga ku rwungano rw'ITEGEKO N'UMURONGO nta makemwa. Brw1/195

Nagiye numva ku nzego zigenda zikura z'ibyishimo bya roho ko 'ububasha buremyi' bwagaragazaga umugambi nya-bwenge n'inshingano y'urukundo ku binyabuzima byose. Nasanze ko ubuzima atari ikintu cy'urwijiji cyangwa kidafite iforoma isobanutse ahubwo ari ububasha buremyi nya-bwenge nya-rukundo nanjye ubwanjye nashoboraga kwiyumvamo nk'imimerere ihanitse by'agahebuzo, imibonere, ububengerane, umunezero, ibyishimo, urukundo. Namenye ko nari umwe na bwo - bunyuzuye - kandi ko nari umwe n'ibyari binkikije byose kandi umwe n'ijuru n'inyenyeri. Brw1/196

Kandi - icyari gitangaje kandi gihebuje kurusha byose – '**Kamere**' nyakuri n' '**Umurimo**' by'uwo '**Data - Bubasha Buremyi**' - byari ugukora kugira ngo areme ibyishimo, ubwiza, no kugubwa neza byo kubungabunga imibereho myiza y'inyoko muntu, gukora imbere nyirizina mu nyoko muntu ngo arememo ibyishimo, ubuziramuze no kugubwa neza, no gukorera mu nyoko muntu ayibwiriza ibikorwa n'imyumvire bishya. Brw1/197

Nahise mbonasha ubwenge ibintu byinshi bihebuje ubwiza byo guhanga. Turamutse tubaye 'umwe', (tukaba) imiyoboro n'ibikoresho bisukuye bya '**Bubasha Buremyi Nya-bwenge**', twashobora kuzamuka buhoro buhoro mu ibonunumva, kugeza aho ibitekerezo n'imitima byacu bigaragaza by'ukuri '**KAMERE**' nyayo ya '**Bubasha Buremyi Mpuzahose**'. Noneho 'ubuzima ku isi' bugahinduka koko 'paradizo' igihe cyose, maze tukinjira mu miterere y'ubugingo buhoraho! Brw1/198.

Nuko ndibwira nti uyu ugomba kuba ari wo mugambi nyakuri wihishe inyuma y'irema. Mu muvumba w'umunezero n'ibyishimo byuje urukundo numva ko uwo ari wo mugambi watumye muntu aremwa akarerwa. Brw1/199

Ariko - ndetse na magingo aya – nubwo muntu yari akabije kuba umunyanenge mu myifatire ye, rwose nta kintu na kimwe cyari kumubera indashoboka mu gihe kizaza, kubera ko amakosa ye atamubuzaga kuba umwe na 'Bubasha Buremyi', kandi na

'Bubasha Buremyi' akaba yari amurimo, amuha ubuzima, ingingo, n'ikindi cyose yari akeneye. Brw1/200.

Uko gusobanukirwa kwose kunzamura mu bushorishori bw'umunezero, ibinezaneza n'ubwuzu birenze, ku buryo byari bingoye kubigumana. Numvaga umubiri wanjye ushobora gushongeshwa n'ubwaguke bw'Ububasha muri jye. Nabengeranaga **URUMURI** kandi nashoboraga ku**RU**bona runkikije rumurikira ubutayu. Brw1/201

Umutima wanjye uririmba ibisinginzo. Mbega ukuntu bwari bufite ubwiza butangaje Ububasha Buremyi Nya-rukudo bwadukoreragamo, bukadukoresha kandi bukadukorerera ubudahwema! Brw1/202

### **Mbega ukuntu irema ryari IGITANGAZA ! Brw1/203**

Nariyamiriye ntera hejuru nti :

**'Uri ISOKO y'ICYAREMWE cyose**, icyarimwe umuremyi n'uwigaragariza mu byaremwe, kandi akabikoresha mu kwigaragaza kwe: nta kintu na kimwe kibaho mu mpuzahose yose kiba cyonyine cyangwa kitaruye ubuziramipaka buhoraho nta mbibi bw'**UBUZIMA NYA-MANA, Ibonunumva rya Bubasha Buremyi** -uri,- bishoboka bite rero ko inyoko muntu iba inyabyaha kuriya - kandi kuki rubanda bababazwa n'indwara, ubutindi n'ubukene? Mbwira, wowe mukunzi **Bubasha Buremyi 'Data' ukunda**, kubera ko nashenguwe n'ububabare bw'ubuzima bwabo buteye agahinda.' Brw1/204

Nuko nerekwaga imvaho y' 'imimerere yo ku isi' y'ibinyabuzima byose. Brw1/205

Numva ubushyuye bwinshi buransabye kuko noneho nari ngiye gushobora kwumva impamvu '**Ububasha Buremyi' Nya-mana** burangwa n'urukundo bwaretse ibiremwa byabwo bibabazwa n'ubwo butindi. Brw1/206

Neretswe ko mu irema buri kinyabuzima cyagombaga kubengerana ubuziramuze, kikitabwaho, kikagaburirwa, kikarengerwa, kikavurwa, kikagumishwa mu mahoro no mu mudendezo, mu burumbuke bw'umuryango utunganye w'ibiremwa bihana urukundo rwonyine. Brw1/207

### **(Icyakora igihe cy'irema, MUSHYIGUZI Z'ISHINGIRO ebyiri zaravutse, zishinzwe kubungabunga jye-babona, kandi ni zo zagengaga ibonunumva rya muntu. Brw1/208**

Izo MUSHYIGUZI zansobanuriwe ku buryo burambuye ariko ubwo bumenyi buteganyijwe mu ibaruwa izakurikira, igihe muzaba mushobora kurushaho kubwumva). Brw1/209

Nagize ibonekerwa ry'agatangaza rikurikira :

**Mbere ya byose, nabonye uruhinja rukimara kuvuka 'nk'urumuri', iforoma y'ubuzima ya 'Bubasha Buremyi'**. Brw1/210

Uko uruhinja ruhinduka umwana, hanyuma umuntu mukuru, nabonye **URUMURI** rutavangiye rwa '**Bubasha Buremyi**' rugenda rugabanuka buhoro buhoro, hanyuma rukingirizwa burundu no guhambirwa cyane n'iminyururu n'imigozi. Brw1/211

Nabajje igisobanuro cy'iryo bonekerwa noneho mu bwenge bwanjye hazamo gusobanukirwa neza gushobora kuvugwa muri aya magambo:

**“Kuva mu mavuko kugeza gupfa,- abantu bemera kandi bahamya ko ibyumviro bitanu byabo byo kureba, kwumvisha amatwi, gukoraho, kwumvisha amazuru, kwumvisha ururimi biranga biboneye “ikirukuri” cyabo n’icy’ impuzahose ibakikije. Bityo kubera ko bakomora ububasha bw’ubwenge bwabo ku ‘Bubasha Buremyi’ Nya-mana, bibagirirwaho nk’uko babyemera.” Brw1/212**

**Buri mugenzi** ugizwe n’ibitekerezo bisanzwe by’umuntu, ibisubizo ku bantu no ku bibaye, indakuzi, inzagano, imishiha, inkeke, agahinda, ibyo byose bimuheza hasi kandi bikazimya urumuri rwagaturutse ku mibonere ye y’imbere akomora kuri ‘Bubasha Buremyi’. Bityo akaba yinjiye atabizi mu mwijima. Yibwira ko arimo akura akaba umuntu uhanye mu nzira z’isi zizatuma atera imbere, akagera “yo” - agatsinda - intego ya benshi ku isi. Brw1/213

Naho, uko arushaho gukura no kuba inararibonye mu nzira z’isi, ni ko ya minyururu n’imigozi irushaho kumufungirana mu minwe ya za MUSHYIGUZI z’impanga zo ‘Guhambira-Kujugunya’. Brw1/214

Byongeye kandi, buri munyururu ucuzwe mu byifuzo byo kwikanyiza no kuriganya, ubugugu, amahane, urugomo no gufata ku ngufu. Iyo minyururu imunaganaho iramuremerera cyane kandi ikugariza urwubati rwa roho<sup>26</sup> ari rwo ‘bubasha buremyi bw’ibonunumva’ imbere kure cyane muri we. Umunyururu n’umugenzi bizagenda bimuboha kurushaho uko umwaka utashye, kugeza ubwo yiyumvisha ibyo arimo yikorera ubwe, akicuza abikuye ku mutima buri mugenzi na buri munyururu, hanyuma akigorora n’abo yateye ibikomere. Brw1/215

Iryo bonekerwa ryatumye niga isura ikomeye y’imibereho. Muntu ubwe yavukanye ubushobozi bwose buhagije bwo kwiyubakira ubuzima bwiza, ariko we ubwe mu kwiyemerera ibyifuzo bye by’ubwibone n’inzangano, yiremera we ubwe gereza y’ubutindi adashobora kuvamo, kugeza igihe amenye **UKURI KW’IMIBEREHO. Brw1/216**

Ibibazo byose by’ubuzima bugoranye, bigira indiri yabyo mu mitekerereze ya muntu ubwe! Brw1/217

Amaforma y’ ‘ibonunumva ry’abantu’, ibitekerezo byabo, amagambo, ibiyumviro, ibikorwa, ni byo byonyine byaremye umupaka ukomeye hagati y’ibonunumva ryabo n’Ibonunumva Riremyi Mpuzahose ricengera impuzahose muri buri kibabi, buri giti, buri gakoko, buri nyoni, buri nyamaswa na buri kiremwa muntu. Brw1/218

Neretswe kandi **AMATEGEKO Y’IMIBEREHO** agenga ubushobozi bw’umuntu bwo kurema intandaro n’ibikikiza bishya<sup>27</sup>, imibanire, gutsinda cyangwa gutsindwa, uburumbuke cyangwa ubukene. Brw1/219

---

<sup>26</sup> Psyche

<sup>27</sup> New circumstances and environment

Icyo umuntu **YEMERA** akomeje ko we ubwe ari cyo, cyaba cyiza cyangwa kibi, ni cyo azahinduka. Brw1/220

Icyo umuntu **ATINYA** ko abandi bazamugirira, ni cyo bazamugirira. Brw1/221

Icyo umuntu **YIZERA** ko abandi bazamukorera, agomba kubanza kukibakorera, kuko ubwo azaba arimo arema « iforoma y'ibonunumva » izagaruka kumuha umugisha ku rugero azaba yawuhaye abandi. Brw1/222.

Indwara yose umuntu **AGIRIRA IGISHYIKA** ni yo izamufata kuko azaba yararemye 'iforoma y'ibonunumva' y'icyo atifuza na gato ko cyamubaho. Brw1/223

Ikivuye cyose ku mutima no kuri roho by'umuntu, kiramugarukira mu gihe gikwiriye ku buryo bumwe cyangwa ubundi, ariko mwibuke ko iteka ibisa bibyara ibisa. Ibitekerezo by'umuntu byuzuye amarangamutima akomeye ni 'imbuto z'ibonunumva' ziteye mu murima we w'ibonunumva. Zizakura zibyare umusaruro usa n'icyo yabibye. Brw1/224

**Izo ni imbuto z'ububasha bwo guhitamo. Brw1/225**

**Nta kuntu umuntu yahunga icyo atekereza, avuga, cyangwa akora kubera ko yabyawe n'ububasha bw'Ibonunumva Riremyi Nya-mana, na we akaba ari umuremyi mu byo ashushanya mu mutwe we. Brw1/226**

Abifuza kubona ibyiza bagomba kubanza kubiha abandi. Bareke rwose imibereho yabo ibere abandi umugisha. Brw1/227

**Iyo abantu nk'abo basabanye n'abandi bese, ni bwo baba bari ku murongo umwe n'ububasha bw'ibonunumva riremyi mpuzahose**, noneho bakajyanwa mu njyana ya 'kamere' ya Data igizwe no gukuza, kurinda, kugaburira (umubiri, ubwenge, roho), gukiza indwara, gutanga ibikenewe, mu rwungano rw'itegeko n'umurongo. Brw1/228

**Nashobora nte kubasobanurira ubushyuhe nari mfite muri jye, urwererane ndengakamere n'uburabagirane bw'ibyishimo, n'ibiyumviro bikomeye by'urukundo byari byanyuzuye wese bikampagisha imbaraga zabyo kugeza ubwo nsakuza kubera umurego wabyo wari undi muri roho no mu mutima!**

**Uwo murego warufite ubukana ku buryo byasaga nk'aho amaherezo uri bushongeshe iforoma-mubiri yanjye. Mu gihe nahabwaga ibyo bisobanuro by'ikirenga kandi bihebuje by'Ukuri, Isoko y'UKUBA kwacu na kamere nyakuri y'iremwa ubwaryo,- n'iy'inyoko muntu, nererejwe buroho numva umubiri wanjye uroroshye nk'umwuka. Brw1/229**

Muri icyo gihe nari nazamuwe mu **Bubasha Buremyi Nya-mana ubwabwo**, nayingaga koko 'Umupersona Nya-mana' nanjye ubwanjye, niyumvamo ku rugero ruhanitse '**Kamere**' ya '**Bubasha Buremyi Data**' n'ingufu z'urukundo n'impuhwe afitiye inyoko muntu yose. Ni yo mpamvu nyuma nashoboraga kuvuga mu manyakuri nti: "**Ni Jye jyenyine uzi kandi wabonye 'Data'**". Brw1/230

Uwababwira ukuntu icyo gihe nari mfite inyota yo kwigisha, gukiza, gukomeza, gukuza, kugaburira, gukuraho ububabare n'umuze mu bantu ! Brw1/231

Nari mfite inyota yo kubakiza ubwoba bari bafitiye ngo “imana ihoora” yo mu migani gusa. Brw1/232

Numvaga igihe nzaba nagarutse kubabwira ukuri nzibanda cyane ku kuri kw’ **Ububasha Buremyi Data – RUKUNDO RWUZUYE** – rubaha buri kintu cyose bakeneye. icyo bagombaga gukora cyonyine ni “ugusaba, gushaka, gukomanga” icyo bakeneye icyo ari cyo cyose bakagihabwa. Brw1/233

Mbega ibyishimo numvaga nzagira mu kubabwira “inkuru nziza” ko “gukizwa ububabare” byari aho bashyikira baramutse gusa bemeye gutera intambwe ngombwa ngo bahanagure mu mitwe no mu mitima yabo MUSHYIGUZI Z’IMPANGA ziranga “ikiremwa” cyose! Brw1/234

Numvaga bizaba byoroshye, umuntu akeneye gusa kubyumva no kubasha kwifata. Brw1/235.

(- Ubu namanutse ngana imivumero<sup>28</sup> yanyu ngo mbaganishe ku buryo niyumvaga igihe nari mu butayu. Bizafasha bitagira urugero imyumvire yanyu bwite nimugerageza kwinjira ‘ibonunumva’ nari mfite icyo gihe. Hari ibintu byinshi muzarushaho kumva neza, nk’imirimo yanjye yo gukiza no ‘kugenda ku mazi’...Muzasanga ibyo byose byari inkurikizi cyimeza z’imyumvire yanjye mishya y’ **‘Ububasha Buremyi-Data’**. Brw1/236

Nimusoma amavanjili ya Matayo na Mariko, amagambo yayo muzayumva ukundi-). Brw1/237

Tugarutse ku masaha yanjye ya nyuma yo kumurikirwa, - nari ndi aho, mu butayu, numva neza ukuntu umuntu ubwe yiremera – atabishaka<sup>29</sup> - inzitizi zimubuza gusabana n’ **‘UBUBASHA BUREMYI-DATA’**, - none nifuzaga cyane kugaruka kwigisha, gukiza, gukomeza, guhanagura amarira y’abo nari mfitiye cyane impuhwe. Brw1/238

Nyamara numvaga ngononwa kuva aho hantu “hatagatifu” nari namurikiriwe ako kageni, kandi nari navugururiwe muri roho. Brw1/239

Ku rundi ruhande mbega ubwiza bw’ahazaza hari imbere yanjye! Brw1/240

Numvaga nzanyura mu turere, imijyi n’imidugudu mbwira INKURU NZIZA buri muntu mpuye na we. ‘Ingoma y’Imana’ – aho hantu uburwayi bwose buzimira n’icyo umuntu akeneye cyose akakironka, iri *imbere* muri bo! Kubera ko *nari nzi* ko ‘Data’ nanjye turi ‘umwe’, kandi ko noneho umutwe wanjye wari wahanaguwemo ibitekerezo n’ibitekera bishaje, numvaga nzashobora kwerekeza umukiro ku burwayi no kundwara zabo, nkanabigisha uburyo bwo kwikiza ubukene. Brw1/241

Igihe **IBONUNUMVA-DATA** muri jye ritangiye kugabanuka ari na ko ngenda ngaruka ku ibonunumva-muntu, natangiye kumva ndibwa n’inzara y’igikatu ari na ko nsubira mu mibereho n’imitekerereze ya muntu. Brw1/242

---

<sup>28</sup> “Your vibrations”

<sup>29</sup> “Through no fault of his own”



Nuko imyakirire y'ibyo nari nabayeho mu byumweru bitandatu itangira guhinduka. Ibonunumva risanzwe rya “jye-babona” n'indumvanshaka zanjye birongera bifata iya mbere mu bitekerezo byanjye. Brw1/243

Nti “Ye?! Biriya bintu by'agatangaza kandi ntari niteze na gato ni jye byabayeho?! Nahawe ubumenyi busumba ubwigeze na rimwe buhabwa undi muntu!” Brw1/244

Nahimbazwaga no kumva neza ko bigaragaye noneho ko nari mu kuri igihe ntashiraga amakenga kandi nkivumbagatanya ku ‘mana’ ihoora y' Abayahudi b'Uruhererekane Rwemewe. Ni jye nari mu kuri! Brw1/245

Ni inde wari warigeze atahura ko gatekerezi y'umuntu ifite ububasha bwo kurema buhanitse, ku buryo igitekerezo cyangwa icyifuzo nyirabyo akomeyeho byigaragaza mu isi tubonesha amaso? Nahise numva ko Musa hari icyo yarabiziho, kuko hari ibintu by'agatangaza yakoze igihe Abayisraheli bari bagirijwe. Brw1/246

Yahindutse umuyobozi kandi ahindura amateka y'Abayisraheli bari abacakara mu Misiri. Brw1/247

Nashoboraga noneho gutaha nkajya kubohora umuryango wanjye ku ngoyi Abigisha babo babacungishaga. Brw1/248

Nuko ububabare bw'inzara nari mfite buriyongera. Bihita bingaragarira ko nashoboraga guhindura amabuye umugati ngo nimare inzara nari mfite kuko nibukaga ko '**Ububasha Buremyi-Data**' bwakoreraga muri gatekerezi yanjye ku buryo rero icyo ari cyo cyose mu mpuzahose cyagombaga kunyumvira. Brw1/249

Mu gihe nari ngiye kuvuga “ijambo” ryari guhindura amabuye umugati, ikintu muri jye kimpagarika gitumo. Brw1/250

Binzamo bifite imbaraga ko '**Ibonunumva Riremyi Data**' ryari uburinzi nta makemwa, ubugabuzi no guhabwa ibikenewe byose, ku buryo gusaba 'Data' kuntabara byari bihagije ngo inzara yanjye yitabweho. Brw1/251

Numva neza ko iyo ndeka “jye-babona” ikuririra ku kaga narimo igakoresha 'Ububasha buremyi' ku mpamvu zo kwikunda, nari kuba nubaka urukuta hagati yanjye n' '**Ibonunumva Riremyi-Data**' ku buryo ibyo nari maze kwiga nashoboraga kubyamburwa. Brw1/252

Ibyo bintera ubwoba. Vuba na bwangu nsaba '**Ububasha Buremyi-Data**' imbaraga nshya zingarura ahatuwe n'i Nazareti. **Nsaba kandi gukizwa inzara ku buryo bunkwiriye.** Brw1/253

Ako kanya inzara irahagarara kandi numva ikibatsi cy'imbaraga kinyirukanse umubiri wose. Ubwo mba mpamije ko ibyo nari nabonye kandi numvise n'amatwi n'ubwenge byari '**ukuri koko**', atari baringa yanyiremyemo kubera igihe namaze ndi jyeneyine mu butayu kandi nsiba. Brw1/254

Izo mbaraga nshya zimbashisha kwihuta mu tuyira tugoye nanyuragamo nsohoka mu butayu. Brw1/255

Mu nzira mpura n’umugabo wari wambaye neza, urangwa n’ubugwaneza n’imyifatire ishimishije. Brw1/256

Ansuhuzanya ubwuzu, ubona atewe impungenge n’ukuntu yabonaga ncoceye kandi meze nabi. Mu byishimo anyicaza ku ibuye maze dusangira ifunguro rye ryari rigizwe n’inyama n’umugati biryoshye cyane. Nibazaga icyo yakoraga muri aka gasi n’aho yaraturutse. Aho kunsubiza arisekera gusa, kandi wabonaga adatangaye na gato mubwiye ko nari maze igihe kinini mu butayu ku buryo ntari nkimenya aho igihe kigeze. Musobanurira ukuntu nari namurikiwe ku byerekeye kamere nyakuri y’**Umuremyi w’isi** n’uburyo neretswe **Amategako kimeza agenga Imibereho**. Arisekera gusa anazunguza umutwe anyereka ko abyumva. Brw1/257

Mubwira nishimye nti ‘Nsubiye mu muryango wanjye kubigisha buri kintu namenye’. ‘Ari yo mpamvu nzashobora kubakiza no kubavura indwara zose n’umuze’. Brw1/258.

Umunyamahanga ansubiza ababaye ati ‘Bizafata imyaka ibihumbi’. Brw1/259

Nuko ngiye kumutonganya kubera ubwemeragato bwe mbona ntawe tukiri kumwe. Brw1/260

Mpita numva ko intumwa y’Imana yari yaje kuntabara inzaniye umugati uryoshye **n’inyama** – no kumburira n’impuhwe ko ubutumwa bwanjye butazanyorohera nk’uko amavamuhira nari mfite yabimbeshyaga. Nuko ijambo rye ryo kumburira rinca intege. Amavamuhira yanjye arakendera. Inzira yagombaga kungeza ku mudugudu wa mbere imbana ndende. Mbega ukuntu impinduka mu bitekerezo ikurura impinduka mu mimerere! Brw1/261

Nuko binzamo ko nashoboraga kongera kugaragaza ukuri kw’ibyho nari neretswe byose nsimbuka urwobo, kandi byari kungabanyiriza cyane urugendo. Igihe nari ngiye kubikora, binzamo n’inkubiri ko nari ndimo ngerageza “guhama” ko igihe cyanjye cy’imurikirwa kitari baringa. Niba rero nari nkeneye bene ubwo buhama, ni uko nari ndimo nshidikanya, bishaka kuvuga ko nanashoboraga kwiyica. Ku rundi ruhande, nari nareretswe ko igihe cyose nzaba mbikeneye nzashobora kwerekeza ibitekerezo byanjye ku **‘IBONUNUMVA RIREMYI-DATA’** ngasaba igisubizo kuri buri kibazo. Mbega ukuntu nibagirwaga **Ukuri** vuba na bwangu! Brw1/262

**Nuko ndasenga, nsaba imbabazi mbikuye ku mutima kubera intege nke zanjye zangezaga aho kuryoherwa n’ibihimbano byanjye no gushakisha ubwanjye buryo bwo gukora ibintu. Brw1/263.**

Nanone igisubizo kiza ari imbaraga zivuguruye n’intambwe irushijeho guhama ubwo ninyakuraga muri iyo nzira itari yoroshye. Nsanga kandi narimo ndenga imisozi vuba ku buryo nasaga n’uwasohotse mu buryo busanzwe bwo kubara igihe, nkaba nari nageze ku wundi murongo w’ubuzima urushijeho koroha, aho ubunararibonye bwa muntu burenga ingoyi yabwo iremereye yo gutanga imbaraga umuntu akaruha. Kugenda byari byoroshye ku buryo noneho byampaga imbaraga. Nari nezerewe kubera ko nari nabonye urufunguzo rw’ubuzima burushijeho kurumbuka! Brw1/264

Hashize akanya numva meze neza ku buryo gatekerezi yanjye yatangiye kuzerera, ngaruka kuri kwa guhura kwanjye n’umuntu ntazi n’ubugwaneza yari yanyeretse. Ariko nibuka n’amagambo yo kumburira yari yambwiye, kamere yanjye ishaje irongera irigaragaza numva ndakajwe cyane n’ukuntu yihaye kumbwira ngo uburyo umurimo

wanjye uzagenda. Mfata icyemezo ko nta kintu yari azi ku hazaza hanjye, kumburira kwe ngushyira ku ruhande. Brw1/265

Ndibwira nti ‘Nta shiti, nifashishije ubumenyi mfite nakora ibintu bitigeze bigerwaho n’umwe mbere yanjye. Aho guhangana n’ubuzima buruhije, nashobora gutangira kurunda ubukire mu buryo bworoshye, ngakurura abankurikira aho nanyura hose, nkabasangiza ubumenyi bwanjye kugira ngo na bo ubuzima bwabo bworohe. Nashobora gukuraho umuruho uwo ari wo wose hamwe n’ububabare.’ Brw1/266

Nuko mu gihe nari ndangamiye ahantu henshi nashoboraga gusura rwose nta mvune na gato, numva nererejwe hejuru y’ubutaka ngenda nzamuka kugera ku gasongero k’umusozi muremure watumaga umuntu abona neza igihugu mu nsi yawo. Brw1/267

Byose byari aho, birambaraye imbere yanjye. Numva ya mavamuhira yanjye aragarutse. Mbega! Byari kworoha gukusanya abantu nkabasangiza ubumenyi bwanjye bwose. Ibyo bigatuma mba umuntu ukomeye, mbese ikirangirire nk’uwatabaye inyoko-muntu akayikiza uburwayi n’imihangayiko. Abantu bakandangamira kandi bakanyubaha, ntibongere kumfata nk’umuntu w’imburamumaro. Brw1/268

Nuko ibyo nari nize byose mu masaha make yari ashize binyidumburamo n’inkubiri, bingaruka mu bwenge n’imbaraga nyinshi n’urumuri. Brw1/269

**None se sinari nigishijwe ko uburyo rukumbi nashoboraga kuzapfa nsagambyemo kwari ukurekura ugushaka kwanjye ngahindukirira ‘Data’ ngo amfashe mu byo nzapanga gukora byose? Brw1/270**

Nuko nibuka ko ibyaremwe byari bifite intego yabyo yihariye byagombaga kugeraho. Inzira yo kurema ibiremwa byihariye yari yarazanye ‘gukurura no gusunika’, ‘gutanga no gufata’ mu myitwarire nya-muntu. N’ubwo ibyo birango nya-muntu byateraga inkeke ikomeye mu buzima bw’abantu, iyo nkeke si yo nyirizina yatumaga abantu bashaka ku ngufu inzira zisumbuye zo **kubaho** ngo bagere ku munezero nyawo? Ni bwo numvise mu bwenge bwanjye ko ibyago by’inyoko muntu byari bifite umwanya wabyo mu nzira nya-muntu yo kubaho. Brw1/271

**None se ubwo byari bikwiye ko nzanira abantu ubwo bumenyi bw’agaciro ngambiriye guhindura ubusa inkurikizi z’ ‘inzira yo kurema ibiremwa byihariye’? Brw1/272**

Numva mu bwenge bwanjye ko nari natekereje nshingira mu isangano ry’ukubaho bwite kwanjye, ari ryo ‘jye-babona’, kandi irari rya jye-babona ari ryo ryaremaga inkuta hagati y’inyoko-muntu n’ **Ibonunumwa Riremyi-Data**. Rero, nagombaga kwigarurira “Isangano ry’ukwifuzwa kwanjye nya-muntu” kugira ngo mbashe kubana na **‘Data’** ku buryo bunoze nk’uko ari byo byari intego yanjye izira uburyarya. Nuko nkomeza inzira yanjye, nzirikana ibyashoboraga kuba bintegereje n’uburyo buruta ubundi bwo gutsinda mushyiguzi zayoboraga ubumuntu bwanjye ngo mbashe kuguma mu Njyana y’ **Ibonunumva Data** nagombaga gukesha ibitekerezo bizima, ubuyobozi, ibisubizo by’ibibazo, ifunguro, ubuziramuze n’uburinzi byanjye bya buri muni. Mu by’ukuri numvise ko igihe cyose nari kuba mpamye mu ‘Njyana ya buri muni y’Ibonunumva Data’, nta cyago cyashoboraga na rimwe kunyegera kandi nashoboraga kuronka ibyo nkeneye byose. Ndetse bikomeye kurushaho: **Ibonunumva Data**

ryanyuraga muri jye ryashoboraga gukorera igikenewe cyose rubanda rwari rukeneye cyane gukizwa no kugubwa neza. Brw1/273

Mu bihe byose, ngomba gutsinda ukwivumbagatanya kwanjye ndwanya gukomera kw'imibereho, ngatega amatwi 'ijwi ry'imbere' kandi ngakurikiza 'Ugushaka Kwisumbuye kwa Data'. Uko 'Gushaka Kwisumbuye' kwari 'Urukundo Rwuzuye' ruganisha rwose ku guteza imbere ikimfitiye akamaro kurusha ibindi. Numvise ko byari kuba ari ubusazi bukabije gukomeza inzira y' 'ugushaka-bwite' yari yarantegetse imyitwarire yanjye kugeza icyo gihe. Brw1/274

Ubwo ni bwo igitekerezo cyanjemo cyo kubwira rubanda mu migani. Abari kuba bagejeje igihe cyo kwakira ubwo bumenyi bari kumva kandi bakabukoresha neza. Brw1/275

Nyamara uko byaje kugenda nuko n'abigishwa banjye ubwabo batashoboye kwiyaka bihagije inyigisho za Kiyahudi ngo bashobore kugira icyo biyumvira, haba ku byerekeye ihame ry'ibonunumva cyangwa ku byerekeye imikorere y' '**Ububasha Buremyi**' **Nya-mana** mu byaremwe. (Kugeza nanubu byakomeje kuba iyobera kuri bose, uretse ku babonye urumuri rwa roho). Brw1/276

Emwe n'amagambo y'umwuka yo kumurikirwa ntashobora guhita yumvwa ako kanya kandi ku buryo bwuzuye na gatekerezi ya muntu; ni yo mpamvu aya **Mabaruwa** agomba gusomwa buhoro buhoro kandi agaherekezwa no kuzirikana cyane no gusenga kugirango abashe kumvikana uko bikwiye. Brw1/277

Mwibuke: nimutabasha kuba nk' "**umwana muto**" - (mwipakurura umurundo udafite akamaro w'iby'abantu bemera, ibyo batekereza ku bandi, inzika, ibigambirirwa<sup>30</sup>, n'irari rya jye-babona), murangwa na gatekerezi yuzuye uguhimbarwa hamwe n'ukwemera kuzuye, ntabwo muzabasha kumira aya mapaji uko mwagakwiye. Brw1/278

Kugirango muhinduke "umwana muto", mugomba kwihatira gusiba ibyabasharazwe byose muri gatekerezi mu gihe cyashize. Brw1/279

Niba mufite umubabaro mu mutwe, mu mutima cyangwa mu mubiri, impamvu rukumbi ni uko ibyo ari byo byose byababereye ibyemerwa mukomeyeho kurusha ibindi bitagize icyo bibamarira; ntabwo byateje imbere imibereho myiza yanyu. Brw1/280

Igihe kirageze ngo musuzume **IMYUBAKIRE-MUTWE**<sup>31</sup> yanyu. Mwumva ibanogeye? Brw1/281

Mushobora guhitamo, maze muri icyo gihe muhitamo mukiyambaza '**Data**' ngo abafashe guhindura, kandi ubufasha muzaburuka nta kabuza, mupfa gusa kudashidikanya. Brw1/282

---

<sup>30</sup> Ambitions

<sup>31</sup> Mindset (\*)

Ndashakishikariza rero gukomeza gusoma no kumira amapaji akurikira. Ndashaka kubumvisha neza imbaraga z’imyubakire-mutwe yanyu, - igizwe n’urutonde rwa gahunda z’ibibasharaze mu ibonunumva no munsu yaryo. Brw1/283

Ni ngombwa ko mwumva ko nta na kimwe mu bigize iyo myubakire-mutwe nya-muntu gikomoka mu rwego rwa roho. Brw1/284

Yose igizwe n’iby’isi kandi igomba kuba yuzuyemo ibitekerezo mvamigani, indabizi-ndabazi, imyumvire ifutamyeye, inzika, inzibutso zarengejweho z’ibikomere byahise, n’uburyo busanzwe bwo guhangana na gatebe-gatoki z’ubuzima. Imyubakire-mutwe nya-muntu yanyu (utibagiwe ibitekerezo n’ibyemerwa by’idini ibyo ari byo byose) igena isi mubamo, imibanire yanyu, ubunararibonye, intsinzi, gutsindwa, ibyishimo n’ubutindi byanyu. Emwe ni na yo nyirabayazana y’uburwayi bwanyu, indwara n’impanuka. Nta kintu na kimwe cyidumbukiza<sup>32</sup>. Buri cyose kidodeshejwe indodo z’imbere z’ibonunumva bwite ryanyu – ibitekerezo, amizero, ibyemerwa ku buzima, urwandiko<sup>33</sup>, “Imana”. Muba mu isi mwiremeye. Ni yo mpamvu abana barerewe ahantu hamwe barenga bakanyurana. Buri wese afite imyubakire-mutwe yihariye, yubatse hakurikijwe ibirango bya kamere ye. Brw1/285

Iyo mujya kuba nta Myubakire-mutwe ibakuramo kuva muvuka, mwajyaga kuba kitabona-nticyumve nk’ishusho, rizira ibiyumviro, ibisubizo n’ibitekerezo. Mwatumbira isi n’indoro y’udahari, maze n’ubwo mwaba mukikijwe no gukubana, ntiha gire na kimwe kibakomangira ibonunumva, kubera ko mwaba nta myakirire na busa. Nta na kimwe cyatuma mwishima cyangwa mubabara, yemwe n’ubwo igisasu cyaturikira hafi yanyu. Brw1/286

Nta myubakire-mutwe nta buzima, nta mikurire, nta kibi, nta cyiza. UBWOKO bw’imyubakire-mutwe bwanyu bugena agaciro k’ubuzima bwanyu. Nguko Ukuri kw’Imibereho kwa mbere nshaka ko mugeraho kandi mukakumva bitomoye. Brw1/287

Nanone kandi, igihe cyose mukiriho, mugendana imyubakire-mutwe yanyu aho mujya hose. Brw1/288.

Nta mahungiro yayo kandi umunsi ku munsu izakomeza kubaremera ubwoko bw’imibereho mwabayeho mu gihe cyashize. Abantu benshi bambukiranyaga ubuzima bwabo bwose bibwira ko bagowe. Batekereza ko ari abandi bababereye gito, gica, babi, kandi ko ari bo bababihirije ubuzima. Brw1/289

Bibwira ko ari “abandi” babashakaho akamunani kandi bakabasobanyiriza, naho bo ubwabo ari abere rwose b’ubushotoranyi na buke. Brw1/290

Nyamara “abandi” bararengana. Ni imyubakire-mutwe bwite ibakururira ingorane zabo. Brw1/291

Abantu benshi ntibakozwa igitekerezo cy’uko ari bo ubwabo bikururira ibibazo bahura na byo. Hari abo bikomerera kwemera intege nke zabo kurusha abandi bifitemo

---

<sup>32</sup> Kitura aho (by chance)

<sup>33</sup> Fate (destin)

imbaraga kandi bifitiye ikizere gihagije kibashoboza kwireba uko bari kandi batihenda. Brw1/292

Isengesho Nyakuri rikurura mu bwenge “Ibonunumva Riremyi-Data”; mu ituze, mu ibanga, risukura ibonunumva nya-muntu rikarimaramo ibyo nyirugushakashaka atakihanganira. Nta kundi byagenda, iyo ngiro yo gusukura imbere no gukuza igomba kugenda gahoro cyane. Brw1/293

#### **AMAFOROMA-NDANGAMUTIMA Brw1/294**

Amaforoma-ndangamutima<sup>34</sup> yanyu na yo ashobora kugirira nabi imibereho myiza rusange yanyu nk’imyubakire-mutwe yanyu. Brw1/295

Imyubakire-mutwe n’amaforoma-ndangamutima byanyu ni byo bikoresho byo kurema mufite. Brw1/296

Bishyize hamwe birema imirongo migari ngombwa y’ibyo muzatunga, ibizababaho n’ibyo muzabamo. Brw1/297

Ibyo BIKORESHO BYO KUREMA bikora mu buzima bwanyu, mwabigena mutabigena. Brw1/298

Gutahura imyifatire ndangamutima ibatetse imurori<sup>35</sup>, ari iyo muzi ari n’iyo mutazi, birakomeye bisumbye kure gutahura gahunda zisharaze mu mitwe yanyu. Brw1/299

Abantu bashobora kuba bafitwe n’amaforoma-ndangamutima njarupfu<sup>36</sup>, kandi ntibabimenye na gato kubera ko ayo maforoma atwikiriwe n’amarangamutima ya buri kanya azamurwa n’utumenyero twa buri muni. Brw1/300

Kugirango mumenye amaforoma y’ukuri y’amarangamutima yanyu, mwibaze ibibazo mukurikije imirongo ikurikira, kandi ntimwihende na buhoro. Kugerageza kwihisha ukuri kw’amaforoma-ndangamutima yanyu nta kindi biri cyo usibye kwihenda ubwanyu no kwitesha kugera ku mibereho ishimishije mwagenewe. Brw1/301

Mu by’ukuri, mwiyumva mute mu BUZIMA? Ndifuzako mwiwandikira akabarwa gasusurutse, kuzuye ubwuzu, mwitekerereza byuzuye uburyo mwiyumva mu gihe muri bube musubiza ibibazo bikurikira:

Mwishimiye kuba muriho, cyangwa mubishoboye mwakwihitiramo kureka aho kubaho? Niba igisubizo cy’ukuri ari icyo cya nyuma, biravugako mufite imyifatire njarupfu ku byerekeye imibereho kandi ko muri mu ntambara mwirwanya ubwanyu ku rwego rw’imurori. Brw1/302

Aho mubona-munumva muzi ko mugomba gukomeza ubuzima bwanyu bwa buri muni, ariko ku rwego rw’imurori mwakwifuzako kwigendera. Iyo ntambara mwifite mu nda ibabuza gukugota ibyo mwajyaga kwibonera byose iyo muba mufite iforoma-ndangamutima njabuzima. Brw1/303

---

<sup>34</sup> Emotional patterns (\*)

<sup>35</sup> Deep level (\*)

<sup>36</sup> Negative

Mu by'ukuri, mwiyumva mute ku byerekeye abo mufitanye isano? Haba hari inzika irengejeho mudashaka kwemera cyangwa mwaba mutari muzi ko ihari? Brw1/304

Ni gute mwiyumva ku byerekeye akazi mukora, abo mukorana, imyidagaduro, andi moko, n'ibindi? Brw1/305

Mwandike ibyo mwitahuyemo byose maze iyo nyandiko muyibike kure. Brw1/306

Uwo murimo mwikoreye ni uwanyu ubwanyu – mu nyungu zanyu gusa. Ntabwo mwawukoreye guhinduka umuntu mwiza, cyangwa gushimisha “Imana” cyangwa kugirango abandi babashime. Mwakoreye uwo murimo gukuraho ibihato by'imbere bibabuza gukura mu mwuka no kugera ku munezero usumba iyindi. Brw1/307

**Niba mufashe icyemezo cyo guhindura ubuzima bwanyu mukoresheje gusoma aya Mabarwa umunsi ku munsi, mbashishikarije kubika aharinze ibaruwa yanyu mumaze kuyishyiraho itariki yandikiweho. Muzongere muyisome mu gihe cy'umwaka maze mwishimire impinduka zikomeye muzaba mubona ko zabaye mu myubakire-mutwe yanyu. Muzanabona kandi ko hazaba haraje impinduka mu mibereho yanyu.** Brw1/308

Mwibuke ko isengesho no kuzirikana biganisha gusa ku Muremyi wanyu bizabazanira imbaraga n'imyumvire mishya bizahindukira na byo bikazana impinduka mu buryo mwiyumva no mu bibakikije. Brw1/309

Igihe musenga – ntimukibande na rimwe ku bibazo byanyu – iteka – mujye musaba umuti ukwiye. Mujye mureka Umuremyi wanyu abazanire ibisubizo bikwiye ubwenge bwanyu nya-muntu budashobora kwitekerereza. Brw1/310

Urugero – ntimukabwire na rimwe “So” Umuremyi wanyu akageni murwaye. Muhugukire Imbaraga muhita muronka ako kanya uko mwakabaye (n'ubwo ibonunumva ryanyu rishobora kuba ryuzuye urunturuntu ku buryo mutabasha kuzumva) kandi mushimire ugukira vuba kwanyu kandi mukwemere. Brw1/311

Igihe “mushimira” muba mwakira, mushima, mwemera, mwisharaga mu ibonunumva kumva neza ko isengesho ryanyu ubu ryageze mu “Ibonunumva ry'Urukundo rwa Data” kandi rikaba ririmo “ritunganywa” ngo rizigaragaze mu nzira nyayo no mu gihe gikwiye. Igihe nari muri Palestina nashimiraga igikorwa buri gihe mbere y'uko cyuzuzwa. Brw1/312

Ntimugasenge na rimwe ngo hanyuma musohoke mu cyumba mutekereze rubanda ukuntu murwaye cyangwa ukuntu ibyanyu cyangwa iby'igihugu biteye ubwoba. Niba mwasabye Umuremyi Data gukemura ibibazo byanyu, iby'amafaranga cyangwa ubuzima buke, ntimwumva ko ari ugutuka Umuremyi Data gukomeza kuzamura imibereho mpitagihe njarupfu? Muhita muhindura impfabusa umurimo Umuremyi Data yatangiye. Brw1/313

Niba, mu mutwe wanyu, nyuma y'isengesho, imibereho ishaje itahindutse imibereho njarupfu mpitagihe, nimusubire gusenga kugeza igihe muyiranduriye mu bwenge bwanyu noneho mukemera rwose ko byose biri kwitabwaho Bumana – ubu nonaha. Muhore musubira gushimira ibyiza mwasabye. Bizigaragaza nta kabuza. Brw1/314

Hari ibihumbi byinshi by'abantu mu isi yanyu uyu muni, begamiye ubutajegajega Data Uhuzahose Muremyi ngo abuzurize icyo bakeneye cyose kandi birebera imigisha inyuranye mu buzima bwabo. Brw1/315

Nimwigobotore ubwoba bwanyu, ntacyo bwigeze bubagezaho. Ubu nimwerekere "Data" uhuzahose Muremyi – nk'**ISOKO Y'UKUBA KWANYU**, kuvuka, gukura, kujya mbere, kugaburirwa, kugarurirwa ubuyanja, gukizwa, kuzurizwa icyo mukeneye cyose, **KURINDWA**, ibyo byose mu rwungano rw'**ITEGEKO N'UMURONGO BYA ROHO**. Brw1/316

Nimwiyumvishe ko uwo murimo uteye ubwuzu wubaka, ufite intego n'umurongo. Brw1/317

Mufite rwose **UBWENGE BW'INGABE**<sup>37</sup> mwegamiye, hamwe n'umuryango wanyu n'imibereho yanyu. **NIMUBWEMERE**. Brw1/318

Ntimureke imitekerereze yanyu yonona Umurimo w'Ubuhanzi Nya-mana. Brw1/319

Hejuru ya byose, mwibuke ko **Jyewe, KRISTU**, nabashije gukora ibyo bise ibitangaza byanjye gusa kuko nabonye neza ko "Ubwami bw'Imana" bundimo imbere kandi ko nashoboraga buri gihe kwegamira **Umuremyi "Data"** ngo akore umurimo muri jye ananyuzeho. Brw1/320

Mwibuke ko mufite ibonunumva ryihariye gusa kuko mwarivomye mu '**Ibonunumva Riremyi "Data"**'. Brw1/321

Igihe ibonunumva ryihariye ryanyu rizaba ryunyugujwe njarupfu zose, muzatahura ko namwe muzaba mwarahindutse umuyoboro usukuye w'Ibonunumva Riremyi "Data". Namwe muzaba isoko iseka y'ugukura, igaburo, gukiza, kugaburira, kurinda, kuzuriza ibikenewe, mu rwungano rw'ingamba zinoze z'itegeko n'umurongo ku bazabegera bese. Ubwo bushobozi bukomeye bwo kunyeganyeza abandi buzanyura mu bitekerezo byanyu bugere ku miryango yanyu, incuti, abaturanyi, imirima, amatungo n'umusaruro. Brw1/322

Mbese nk'uko amashanyarazi abanyura mu biganza akajya gucana igitwikisho kitiriwe Bunsen<sup>38</sup> mu isuzumiro, ni ko imirase yanyu y'**IMBARAGA-BUZIMA** izagirira akamaro abinjira bese mu ruziga rw'ubushobozi bwanyu. Brw1/323

Uwo ni wo mugambi wari wihishe inyuma y'irema. Mwari mwararemewe **kugaragaza Ibonunumva Riremyi Mpuzahose** binyuze mu bwenge n'umutima. Jyewe, **Kristu**, naje muri iki gihe kubereka uko mubikora. Brw1/324

Mbere ya byose mwitegereze "uko ibonunumva ryanjye ryabaga rimeze" igihe nabaga ndimo nkora ibyo bise ibitangaza byanjye. Brw1/325

Ntabwo navugaga isengesho nafashe mu mutwe. Nasabaga byonyine igikenewe cyose **Data Muremyi** warasiraga mu ibonunumva ryanjye bwite. Niyumvishaga bifite

---

<sup>37</sup> Master Mind

<sup>38</sup> Bunsen burner



imbaraga kandi ngashushanya mu bwenge bwanjye ko **“Ibonunumva Riremyi Data”** ryari **Intege**-nkozi zivumera zigaragarizaga ubwazo mu isi iboneka nk’Ubuhanzi, igishushanyo-mbonera cyuzuye ubwenge, ugukura, ifunguro no kugaburira, uburinzi, gukiza, gusubiranya, kuzuza ibikenewe byose – byose mu rwungano rw’itegeko n’umurongo. Brw1/326

Nabonaga neza ko **“Ibonunumva Riremyi Data”** ryajyaga kurasira **Kamere Yaryo yose** mu ibonunumva ryanjye maze rigacengera ibonunumva ry’abari basabye gukira kandi bemera badashidikanya ko bajyaga kubironka. Nari nzi kandi ko niba batari bafite **“ukwemera no kwiringira gukira”**, ubwo bwoko bw’ibonunumva njyarupfu butajyaga kunyeganyezwa n’umuvumba wa **KAMERE k’ “Ibonunumva Data”** kandi ko bityo nta gukizwa kwajyaga kuba. Brw1/327

Nabonaga kandi ko umurimo wo gukiza wakorwaga n’**Ibonunumva Riremyi Data** wari rwose **Urukundo rugaragajwe** ku isi. Brw1/328

Nanabonaga kandi neza ko umurimo wose wakorwaga n’**Ibonunumva Riremyi Data** mu isi iboneka ari **urukundo** rushyizwe ahagaragara – nuko ngashimira. Brw1/329

Nabonaga neza ko icyo impuzahose ikozemo cyose cyari cyarakomotse mu **Ibonunumva Mpuzahose** – nuko ngashimira. Brw1/330

Nabonaga neza ko **“Ibonunumva Riremyi Data”** ari ryo ryari **“umukozi”** kandi ko ryahoragaho ritagira imipaka kandi ko nta kintu – nta na kimwe cyashoboraga kuribuza gukora umurimo waryo usibye gatekerezi ya muntu. Brw1/331

Rero nikuraga muri gatekerezi ibiyumviro n’ibitekerezo nya-muntu, kandi nkamenya ko nari umuyoboro uzira inenge w’ **“urukundo Data”**, kandi nkamenya ko ugushaka kuzira inenge k’ **“urukundo Data”** kwajyaga kuzuzwa mu muntu warukeneye gukizwa. Brw1/332

Ariko nimwite kuri iki: nabaga nazi ko icyo ari cyo cyose, mu ibonunumva ry’uwo muntu, cyabaga cyaramuzaniye imibereho y’ubumuga, igikomere cyangwa uburwayi, cyabaga cyahanaguwe mu mubiri we muri ako kanya. Ikibazo cyari iki : ese ibonunumva rye risanzwe ryajyaga kugarura iyo mibereho yari yahanaguwe bumana mu mubiri we? Brw1/333

Ni yo mpamvu nabwiraga uwabaga yakijijwe nti : **“Komezwa inzira yawe kandi ntiwongere gucumura”**. Brw1/334

**Ndashaka ko mumenya kandi mukemera n’umutima wanyu wose ko imiterere yanjye y’ibonunumva igihe nari ku isi maze kubatekerereza mu bika biri hejuru ari yo “miterere y’ibonunumva” namwe mwagombye kwifuza kugeraho na gatekerezi yanyu yose n’umutima wanyu. Brw1/335**

Ubunararibonye bwo kumurikirwa nagiriye mu butayu bwanshoboje kugera ku **IBONUNUMVA RYA KRISTU** mu gice kinini nkiri ku isi. Ariko mushobora gukurikira intambwe zanjye niba mubishaka, kandi nta kabuza nzababa hafi ngo mbafashe mu rugendo rwanyu. Mushobora no kumva ukuhaba kwanjye niba mubifitiye ubushobozi buhagije. Ariko niba mu bihe bya mbere ntacyo mwumva,

ntibibatere agahinda, kuko uko muzagenda mukora umurimo wo guhindura ibonunumva ryanyu, mushobora rwose kwizera mutibeshya ko muzaba mwiringaniza ku murongo w'**IBONUNUMVA** ryanjye **RYA KRISTU** kandi ko nzaba nzi ibibabaho byose. Brw1/336

**MUMENYE** ko intego yanyu ku isi ari ukuzamuka mu ibonunumva rya roho kugeza murenze ubumuntu bwose buri kubasubiza inyuma magingo aya, kugeza murunduriye ku gushobora namwe ubwanyu gutegeka ibyaremwe, mugahinduka abigisha. Brw1/337

Mwumve kandi ko igihe **ibonunumva ry'isi** rizaba ryaringanijwe byuzuye ku '**Ibonunumva Riremyi Data**', ibintu byose bibangamira imibereho myiza yuzuye ya muntu bizayoyoka. Nta mibu itera malaria izongera kubaho, nta nzige zizongera kubononera imyaka, nta bihe bibi, indwara, amavirusi n'ikindi icyo ari cyo cyose kiri gutera ibinyabuzima ibibazo magingo aya. Muzatura mu gishura cy'uburinzi mpuzahose. Brw1/338

Igihe ibonunumva ryanyu ubwanyu rizaba riringanije ku **Rukundo Data** kandi rinywanye na rwo – namwe icyo gihe muzarindwa bumana kandi muhinduke imiyoboro ya: umugambi wo kurema, ugukura, ifunguro no kugaburira, gukiza, kugarurira ubuyanja, kuzuriza ibikenewe, itegeko n'umurongo. Brw1/339

**Urukundo Data** ruzakorera mu mitwe, imitima, imibiri n'induruburi zanyu. Brw1/340

Ruzakorera mu bo muzoherezaho ububasha bwarwo bose. Brw1/341

**Ni icyifuzo cya Kristu kirusha ibindi imbaraga ko aya MABARUWA atangazwa vuba akagezwa ku bashaka Ukuri. Nimushaka kugaragaza ko ibyo muvuga mwabikuye muri aya MABARUWA, mujye mugaragaza isoko neza cyane, mutya: AMABARUWA YA KRISTU, [www.christsway.co.za](http://www.christsway.co.za), (Izina ry'Igitabo: **KRISTU ARAGARUTSE-ARIVUGIRA UKURI KWE**).**

**URUTONDE RW'AMAGAMBO  
AMWE N'AMWE Y'INGENZI  
ASOBANUYE**

**AMAFOROMA-NDANGAMUTIMA** (Emotional patterns/schémas émotionnels) :  
Isura imbamutima zafashe mu muntu.

**GATEKEREZI** (Mind/Mental):

Akamarimari k'ibitekerezo gahora kikaraga mu mutwe w'umuntu kakamwimura mu ndagihe kakamuhoza mu mpitagihe cyangwa mu nzagihe.

**IBONUNUMVA** (Consciousness, Awareness/Conscience):

Urumuri rw'ubwenge rutuma ubona kandi unumva ibyo ubona nk'ubihagazeho, uri aha utari ahandi.

**IHUMUKA RY'IBONUNUMVA** (Spiritual Awareness/Eveil de la conscience):  
gukangukira ubuzima bwa roho, "hakurya y'ibigaragara".

**IMPUZAHOSE** (Universe/Univers):

Ikoraniro ry'ibiriho byose.

**IMURORI** (At a deep level/à un niveau profond):

Imbere mu muntu kure.

**IMYUBAKIRE-MUTWE** (Mind set/Etat mental):

Ibitekera + ibitekerezo n'uko bipanze mu mutwe w'umuntu.

**INDAKUZI** (Prejudice/Préjugé):

Kugendera ku byo wumvise utigeze usuzuma wowe ubwawe ("guca urubanza utaratega amatwi ababuranyi"!)

**INYONGERA Y'ABAKIRE** (Luxury items/articles de luxe):

Utuntu umuntu yagirango si ingenzi nyamara dufite akamaro gakomeye

**JYE(WE)-BABONA** (Ego/Individualité):

Kamere-muntu, igikobokobo (housing) cya Kamere-mana (ari yo muntu-NYIRIZINA), "umurase wihariye w'Ubuzima buHORA HOse" ari bwo UHORAHO mu ncamake. Muntu-Nyirizina umuntu yamwita mu mpine "UWUHORAHO".

**MPUZAHOSE** (Universal/Universel) :

Ikiranga ibiriho byose (ntera ikomoka ku ijamba "Impuzahose")

**MUSHYIGUZI** (Impulse/Impulsion):

Imbaraga kimeza zishyigurana inkubiri zigatera gukora iki cyangwa kiriya, kubitekerezaho bikaza nyuma.

**NYA-MANA** (Divine/Divin): kiranga Imana

**NYA-MUNTU** (Human/Humain): kiranga umuntu

**UMUHITO** (Form/Forme): iforoma y'ikintu, uko kigaragaza

**URUZIGAMWUKA RUKURA RUGARUKIRANA** (Spiritual spiral/Spirale spirituelle): uruziga rwigarukaho mu gukura rw'ibyerekeye ubuzima bwa roho.